# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-13 | TARIKI 13 - 19 Gicurasi 2025 RPC | P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw


Kwibuka
kwibuka twiyubaka
31


AMAKURU
Minisitiri w'Intebe yasabye urubyiruko kwirinda icyasenya ubumwe bw'Abanyarwanda 2



AMAKURU
RwandAir igiye kwagurira ingendo muri Afurika y'Ibu- rasirazuba n'iy'Amajyepfo 4



AMAKURU
Ibigo 30 byimakaje ihame ry'uburinganire byahawe ibirango by'ubuziranenge 9



MU NTARA
Ngororero: Bubakiwe Isoko ry'amatungo magufi rya miliyoni 70 Frw 12




# U Rwanda rwakiriye Inama Mpuzamahanga ku Mutekano muri Afurika



Mu Rwanda hatangirijwe Inama Mpuzamahanga ya ISCA izajya iba buri mwaka

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guhera kuri uyu wa Mbere tariki ya 19 Gicurasi, u Rwanda rurakira ku nshuro ya mbere Inama Mpuzamahanga ku Mutekano muri Afurika (ISCA) igamije guhindura isura y'Umugabane w'Afurika mu Isi yihuta mu rusobe rw'ibibazo.***

Iyo nama y'Iminsi ibiri ibonwa nk'intangiriro y'urugendo rw'ingenzi rufite intego ihuriweho yo gutanga urubuga rw'ibiganiro bicukumbuye ku mbogamizi n'amahirwe Afurika ifite mu bijyanye n'umutekano.

KOMEZA KU RUP.3

## Ibiganiro, izingiro ryo kurwubaka rugakomera-MIGEPROF

**KAMALIZA Agnes**

***Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF) yagaragaje ko kuganira mu muryango ari ipfundo ryo gukemura ibibazo by'amakimbirane mu ngo, no kuvugutira umuti ibibazo byose biba bihagaragara.***

Byashimangiwe na Minisitiri wa MIGEPROF Uwimana Consolée, ubwo u Rwanda rwifatanyaga n'Isi kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Imiryango ku Cyumweru tariki ya 18 Gicurasi 2025.

Ni umunsi usanzwe wizihizwa buri wa 15 Gicurasi ariko u Rwanda rukaba rwawizihije kuri uyu wa 18 mu Mugoroba w'Imiryango wabereye mu Mujyi wa Kigali hose, ariko ku rwego rw'Igihugu wizihirizwa mu Murenge wa Kinyinya mu Karere ka Gasabo.

KOMEZA KU RUP.3



## NST2 izarangira u Rwanda rukubye 2 ingano y'amazi

INKURU KU URUP.2

# Minisitiri w'Intebe yasabye urubyiruko kwirinda icyasenya ubumwe bw'Abanyarwanda

**KAYITARE Jean Paul**

***Minisitiri w'Intebe, Dr Edouard Ngirente, yasabye urubyiruko gusobanukirwa amateka y'u Rwanda, kuko bizarufasha guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside n'abayikwirakwiza bifashishije uburyo burimo ubw'imbuga nkoranyambaga. Rwasabwe kandi kwirinda icyasenya ubumwe bw'Abanyarwanda ahubwo rukarinda ibyagezweho.***

Yabivugiye mu gikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 31 abari abakozi ba Minisiteri y'Ubutabera n'iy'Ibikorwa remezo yahurije hamwe Minisiteri zahoze zitwa MINITRANSCO na MINITRAPE bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente Edouard n'abandi bayobozi muri Guverinoma, bunamiye inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi, zishyinguye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali.

Abo bayobozi kandi bashyize indabo ku mva mu ziruhukiyemo imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu ijambo rye, Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente yashishikarije urubyiruko kumenya amateka no kwamagana ikibi.

Ati: "Dukwiye gukomeza kuzirana ko urubyiruko ari zo mbaraga z'igihugu kandi tubashishikariza kumenya neza amateka yacu ariko no kwamagana ikibi. Iyo umenye amateka, umenya ikibi cyayabayemo ukacyamaganira kure."

Yavuze ko ibi bizafasha gukomeza kurwanya no guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside n'abayikwirakwiza bifashishije uburyo butandukanye cyane cyane imbuga nkoranyambaga.

Minisitiri Dr Ngirende yagize ati: "Nta kabuza ko ibi muzabishobora nk'urubyiruko n'undi muntu wese ufite imbaraga n'abatari urubyiruko cyane, ntabwo mvuga urubyiruko muri ya myaka itarengeje 35 ahubwo ni umuntu wese ufite imbaraga ushobora guhangana n'ikibi."




**Minisitiri w'Intebe, Dr Edouard Ngirente, yasabye urubyiruko gusobanukirwa amateka y'u Rwanda**

Guverinoma yizera ko bizashoboka biturutse ku kuba Abanyarwanda baratojwe neza kandi ko bagenda basobanukirwa amateka y'igihugu cyabo ndetse n'abatari bayazi by'umwihariko abavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente, yashimangiye ko ikintu cya mbere mu rugendo rwo kwiyubaka nk'Abanyarwanda, basabwa kurwanya ikintu cyose gishobora kubangamira ubumwe bwabo cyangwa kigamije gucamo ibice Abanyarwanda.

Agira ati: "Mureke dusigasire ubumwe bwacu kandi dukomeze kurinda ibyagezweho, turinda n'icyahungabanya ubwo bumwe ari nako dukumira icyagarura Jenoside mu gihugu icyo ari cyo cyose."

Ikindi ngo Abanyarwanda bagomba kurwanya bivuye inyuma abakibiba ingengabitekerezo ya Jenoside, abayipfobya, ndetse n'abandi bagenda bagaragaza ko bibasira Abarokotse Jenoside.

Ati: "Hari aho twagiye tubona inka z'abarokotse Jenoside, umuntu agenda akayitema akayisiga aho muri urwo rugo. Ibi bigaragaza rero umutima w'ingengabitekerezo ya Jenoside umuntu uba uje kwica iyo nka aba azanye kuko ataba aje kuyiba nubwo kwiba bitemewe."

Ibi byose ni ibikorwa bibi ariko ngo bishingiye kuri uwo mutima abantu bose bagomba gukomeza kurwanya mu muryango nyarwanda wabo.

Yagize ati: "Abo bose bashaka kudusubiza inyuma rero dukomeze tubarwanye kandi ntitugomba kubemerera kugarura iyo ngengabitekerezo ya Jenoside mu gihugu cyacu cy'u Rwanda aho tugeze ubungubu."



**U Rwanda rurakataje mu kongera ingano y'amazi meza agezwa ku baturage**

# NST2 izarangira u Rwanda rukubye 2 ingano y'amazi

**ZIGAMA Theoneste**

*Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) yatangaje ko Gahunda ya kabiri yo kwihutisha Iterambere (NST2), yatangiye mu mwaka 2024 kugeza mu mwaka wa 2029, izarangira u Rwanda rukubye kabiri ingano y'amazi rukoresha ku munsi akava kuri metero kibe 343 000, akagera ku 668 000.*

Iyi Minisiteri kandi yijeje ko muri iyo gahunda ingo nshya miliyoni imwe zizagezwamo amazi meza.

Byagarutsweho na Minisitiri w'Ibikorwa Remezo Dr Gasore Jimmy, kuri uyu wa Mbere tariki ya 12 Gicurasi 2025, mu kiganiro yahaye Abadepite bagize Komosiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo bya Leta (PAC), cyibanze ku mikoreshereze y'ingengo y'imari ya 2024/2025, n'imbanzirizamushinga y'iya 2025/26.

Minisitiri Dr. Gasore Jimmy yamenyesheje ko mu bijyanye n'amazi isuku n'isukura mu mwaka wa 2023/24 warangiye hatanzwe amazi angana na metero kibe 343 000 z'amazi ku munsi.

Agaragaza ko uyu mwaka wa 2024/2025, uzarangira hatanzwe metero kibe nshya ibihumbi 25 ku munsi, kandi hari n'indi mishinga izageza u Rwanda kuri metero kibe z'amazi ibihumbi 188 ku munsi muri uwo mwaka.

Yagize ati: "Gahunda ya NST2 izarangira dukubye kabiri ingano y'amazi dufite uyu munsi, kuko tuzaba dufite metero kibe z'amazi ibihumbi 688 ku munsi."

Yakomeje agaragaza ko magingo aya abantu mu Rwanda bafite amazi meza mu ngo zabo bari kuri 18%, bikaba biteganywa ko mu mwaka w'ingengo y'imari 2025/26 ingo nshya ibihumbi 500 zizaba zabonye amazi meza.

Dr Gasore ati: "Muri NST2 intego no ukuzageza amazi mu ngo nshya miliyoni imwe."

MININFRA igaragaza ko 2023/24 hasanwe imiyoboro y'amazi ibihumbi 35, aho mu mwaka wa 2025/26 biteganyijwe ko uzarangira hakozwe ibilometero bishya 665 by'imiyoboro y'amazi mishya, hakanasanwa imiyoboro 162 yo mu bice byo cyaro yangiritse idakora kugeza ubu.

Minisitiri Dr. Gasore yemereye Abadepite ko gahunda ya NST2 izarangira u Rwanda rufite ibilometero by'amazi 4 600, ndetse n'imiyoboro 432 y'amazi idakora, izaba yarasanwe ikora neza.





# U Rwanda rwakiriye Inama Mpuzamahanga ku Mutekano muri Afurika

IBIKURIKIRA URUP.1

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa ISCA Amb. Lt. Gen. (Rtd) Frank Mushyo Kamanzi, yavuze ko iyo nama ya mbere ya ISA ari intambwe ikomeye mu gushakira ibisubizo ibibazo by'umutekano by'umutekano bigaragara hirya no hino muri Afurika.

Ati: "Binyuze mu bufatanye bw'inzego zitandukanye, ISCA yifuza gutanga umusanzu mu gushimangira ubumenyi ku bijyanye n'umutekano ku mugabane wacu, no gutangiza uburyo bushya bwo guharanira ituze n'iterambere rirambye ry'Afurika."

Iyo nama ngarukamwaka iteranira i Kigali iritabirwa n'abaturuka mu bihugu birenga 70, ikaba ihuriza kandi hamwe abafata ibyemezo, imiryango mpuzamahanga n'iy'Akarere, inzobere mu bijyanye n'umutekano, abashakashatsi, amatsinda y'ubusesenguzi ndetse n'abikorera.

Ni inama izarangwa n'ijambo ry'ibanze, ibiganiro binyuranye mu matsinda, ndetse hazabaho n'amahirwe yo guhura no kuganira (networking).

Hateganyijwe kandi imurikabikorwa ryo guhanga ibishya mu bijyanye n'umutekano n'ubwirinzi bizaturuka mu bihugu 12 bizitabira, ari byo u Rwanda, Misiri, u Bufaransa, Isiraheli, Kenya, Poland, u Burusiya, Slovakia, Esipanye, Switzerland, Turikiya na Uganda.

Iby'ingenzi bizaganirwaho bizibanda ku gushimangira ubushobozi bwa Afurika mu biganiro mpuzamahanga, kurwanya iterabwoba rikomeje kwiyongera, no gusesengura ingaruka z'amashyirahamwe y'abacanshuro.

Hazaganirwa kandi ku kurinda ibikorwa remezo by'ingenzi mu gihe hiyongera ibibazo by'umutekano mu ikoranabuhanga, kunoza uburyo Afurika igaragazwa mu bitangazamakuru n'ingaruka z'imvugo ziyibeshyera n'ibindi.

Ni Inama kandi isuzuma ahazaza h'ubutumwa bwo kubungabunga amahoro, ndetse n'uburyo bwo kubaka icyizere mu ishoramari rikorwa hagati y'ibihugu bya Afurika.

Iyi nama izaba umwanya wo gutangiza ISCA nk'ihuriro ryoroshya ibiganiro bijyanye n'umutekano muri Afurika, kwimakaza imikoranire ndetse n'amahirwe yo gushaka ibisubizo bishya byibanda ku gukemura ibibazo by'umutekano byugarije Afurika.

Clotilde Mbaraga Gasarabwe, Umuyobozi Mukuru wa ISCA, yavuze ko iyo nama iziye igihe kuko Afurika ihanganye n'ibibazo by'umutekano, kimwe n'ibibera ku yindi migabane biyigiraho ingaruka.

Ati: "Turashaka kureba ku mpamvu shingiro z'umutekano muke muri Afurika, kandi tunarebe hakurya y'ubwo bushyamirane kubera ko rimwe na rimwe buterwa n'amahanga babwihisha inyuma bashaka imitungo kamere ya Afurika."

ISCA ni n'Umuryango Mpuzamahanga udaharanira inyungu, ufite icyicaro i Kigali mu Rwanda, ufite intego yo gushakira ibisubizo ibibazo by'umutekano Afurika ihura na byo, binyuze mu biganiro, ubufatanye, ubushakashatsi no gusangira ubumenyi.

ISCA iharanira guha ijambo Afurika mu biganiro by'umutekano ku Isi, gushyigikira uburyo bw'Afurika bwo gukemura amakimbirane, no gukomeza ubufatanye bw'uturere n'ibihugu byo kuri uyu mugabane mu bijyanye n'umutekano.

Madamu Gasarabwe yahamije ko u Rwanda rwatoranyijwe kwakira inama mpuzamahanga ya ISCA nk'igihugu cyanyuze mu bihe bikomeye bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'umutekano muke ariko rukabisohokamo neza kubera imiyoborere myiza, icyerekezo n'ubunararibonye rwasigiwe n'amateka mabi.

# Ibiganiro, izingiro ryo kurwubaka rugakomera-MIGEPROF

IBIKURIKIRA URUP.1

MIGEPROF yagaragaje ko kuganira no kugisha inama bisanzwe mu muco nyarwanda ariko ikibabaje ari uko kimwe mu byoretse umuryango harimo no kuba abashakanye batakiganira.

Ubushakashatsi bw'umwaka ushize bwakozwe n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) bwagaragaje ko kutaganira mu muryango biza ku mwanya wa kabiri n'amanota 82.6%, mu bisenya umuryango nyarwanda aho bibanzirizwa n'ubusinzi bukabije buri ku kigero cya 82.8%.

Minisitiri Uwimana yavuze ko imbarutso yo kumvikana no gukemura ibibazo byugarije urugo ari ukuganira ibiganiro bitanga umusaruro aho gutangira baganira bikarangirira mu mirwano.



**MIGEPROF igira abashakanye inama yo kwimakaza ibiganiro**

Yagize ati: "Ibiganiro si impaka za ngo turwane hari abantu baganira ukagira ngo bari kurwana n'ubundi bikaza kurangira ntacyo bitanze. Ibiganiro byiza bigomba gusozwa no gufata imyanzuro igira icyo ihindura."

Yagaragaje ko ikibabaje cyane muri iyi minsi ari uko abantu bahugiye ku mbuga nkoranyambaga, mudasobwa, televiziyo n'ahandi bakibagirwa kuganira nk'abarwubatse.

Bamwe mu baganiriye na Imvaho Nshya bagaragaza ko ibiganiro hagati y'abashakanye bitanga umusaruro mu gukemura ibibazo cyangwa no gushaka icyabateza imbere.

Musanabera Marie wo mu Murenge wa Kinyinya yagize ati: "Ubu se nakoreye amafaranga umugabo ntabimenye ubundi nkayakoresha ibyo nshaka nkayasesagura kandi mu rugo dufite ibibazo urumva aho tutashwana, nataha rukambikana tukarwana hasi hejuru?"

Yongeyeho ko urugo usanga rubanye neza kabone n'iyo rwaba rurimo ibibazo ariko binyuze mu biganiro bigira igihe bigakemuka.

Mwitende Jean Pierre na we yagize ati: "Usanga umugabo aba ashaka gutegeka mu rugo ariko kujya inama ubundi ni byo byubaka."

Aba baturage bavuga ko iyo nta biganiro habaho gushyogozanya ku mpande zombi ari na byo bivamo ihohotera rishengura umutima cyangwa iribabaza umubiri.

Ubushakashatsi bwo mu 2024, bwa RGB bwagaragaje ko mu bindi bibazo byugarije umuryango hari ibikomoka ku makimbirane, guhoza ku nkeke, gutoteza, guharika no gucana inyuma by'abashakanye, gukoresha nabi umutungo w'umuryango, kudasobanukirwa ihame ry'uburinganire, n'ibindi.

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti: "Ibiganiro byiza, ireme ry'Umuryango."

# RwandAir igiye kwagurira ingendo muri Afurika y'Iburasirazuba n'iy'Amajyepfo

**ZIGAMA Theoneste**

***Sosiyete y'u Rwanda itwara abantu n'ibintu mu kirere, RwandAir, yatangaje ko igiye kwagura ingendo muri Afurika y'Iburasirazuba n'Amajyepfo, nk'inzira nshya igamije guteza imbere ubukungu bwayo no kongera ibyerekezo by'indege muri Afurika.***




**Sosiyete y'u Rwanda itwara abantu n'ibintu mu kirere, RwandAir, yatangaje ko igiye kwagura ingendo muri Afurika y'Iburasirazuba n'iy'Amajyepfo**

Ibi byatangajwe n'Umuyobozi Mukuru wa RwandAir, Yvonne Makolo, mu Nama ya 13 y'Abafatanyabikorwa mu by'indege hamwe n'Inama ya kabiri Nyafurika ku mutekano n'imikorere y'indege (African Aviation Safety and Operations Summit - AASOS 2025), iri kubera i Kigali.

Iyi nama yahurije hamwe abarenga 400 barimo abayobozi mu nzego zitandukanye ndetse n'abanyapolitiki, igamije kurebera hamwe amahirwe y'izamuka ry'urwego rw'ubwikorezi bwo mu kirere muri Afurika, gukemura ibibazo birwugarije, no kubaka ubufatanye bufite ireme mu ruganda rw'ubwikorezi bwo mu indege.

Makolo yavuze ko RwandAir ikomeje kwagura ibikorwa byayo binyuze mu gutangiza ingendo nshya zijya ahantu hatarakoreshwaga cyane, hagamijwe gukomeza guhuza u Rwanda n'andi masoko mashya.

Mu rwego rwo gufasha abagenzi kugera kure ku mugabane no hanze yawo, yavuze ko hagiye gutangizwa ingendo zitaziguye zerekeza i Mombasa muri Kenya ndetse na Zanzibar, nk'amwe mu masoko mashya RwandAir igiye kwinjiramo.

Yagize ati: "Ibi byose ni mu rwego rwo kugerageza gusimbura igihombo twahuye na cyo nyuma y'uko Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo ifunze ikirere cyayo ku ndege zose ziva cyangwa zijya i Kigali. Ni ibintu bibabaje kuba politiki yinjira mu mikorere y'urwego rw'indege, ariko turimo kugerageza kubyitwaramo neza."

Yavuze ko bimwe mu byerekezo by'ingendo nka Brazzaville, Abuja, na Cotonou bagombaga kubihagarika kuko ingendo za RwandAir zari zarabaye ndende cyane.

Yongeyeho ati: "Turi gushyira ubushobozi bwacu mu ngendo zo mu Burasirazuba no mu Majyepfo ya Afurika, aho turi kongerera ingendo, ndetse no gutekereza ku mirongo mishya. Iya hafi ije ni Mombasa na Zanzibar."

Kugeza ubu, RwandAir ikorera ingendo ahantu 107 hatandukanye, harimo iz'ako kanya n'izibinyujije mu bufatanye n'andi masosiyete y'indege (codeshare agreements).

**Gushyira imbere ikoranabuhanga**

Yvonne Makolo yanagarutse ku kamaro k'ikoranabuhanga mu kunoza serivisi zitangwa ku bagenzi.

Yagize ati: "Ikoranabuhanga rikomeza guhinduka, ariko kuri twe, ni urugendo rutarangira. Tureba uburyo umugenzi ashobora gutembera neza kuva atangiye kugura itike, kugera ku kwinjira mu ndege no kugera aho ajya."

Yavuze ko bamaze gutangira uburyo bwo kwikorera serivisi (self-service automation), ariko hari byinshi bikiri mu igenamigambi, birimo nko kunoza uburyo serivisi zitangwa ku bakira abakiliya.

**Kugabanya ibiciro**

Ku bijyanye n'ibiciro bihanitse by'ingendo, Makolo yavuze ko gukora ubucuruzi mu rwego rw'indege muri Afurika bigihenda cyane kurusha ahandi ku Isi, kubera impamvu zirimo igiciro cy'ibikomoka kuri peteroli kiri hejuru, imisoro itandukanye, amafaranga acibwa ku bibuga by'indege, ibiciro byo kubungabunga indege, n'amafaranga yo kuguruka mu kirere cy'ibindi bihugu (overflight fees).

Yagize ati: "Turi kuganira n'abayobora ibibuga by'indege na za Guverinoma kugira ngo ibyo tudafiteho ubushobozi bihinduke, ariko natwe turi gukora ibishoboka byose ngo tugabanye ibiciro."

Yavuze ko harimo no guhindura uburyo indege ziguruka kugira ngo zigabanye ikoreshwa rya lisansi, ndetse no kugabanya ubwoko bwinshi bw'indege kugira ngo hagabanywe umubare w'abapilote n'abatekinisiye bakeneye.

Yagize ati: "Turi gushyiraho ingamba nyinshi kugira ngo tugabanye igiciro cy'ingendo, bityo n'itike ibe yorohereza abagenzi. Haracyari byinshi byo gukora kandi bisaba kubikora vuba."

RwandAir ifite intego yo kongera indege zayo inshuro ebyiri mu myaka itanu, iva ku ndege 14 ifite ubu.

Mu mwaka wa 2023, RwandAir yinjije miliyari 620.6 z'amafaranga y'u Rwanda, ivuye kuri miliyari 341 mu 2022, bingana n'inyungu ya 82% mu mwaka umwe.

Iri zamuka rikomeye ryakurikiye imyaka igoye, aho amafaranga yinjizwaga yagabanutse akava kuri miliyari 334 mu 2019 akagera kuri miliyari 300 mu 2020, hanyuma aba miliyari 271 mu 2021.







**Perezida Paul Kagame yavuze ko Afurika itagomba gukomeza gutinda ku byemezo amahanga ayifatira kuko biyidindiza**

## Perezida Kagame yibukije Afurika ko igomba kwihitiramo icyerekezo

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yavuze ko Afurika itagomba gukomeza gutinda ku byemezo amahanga ayifatira bigira ingaruka ku bukungu byayo, ahubwo ko ikwiye gushyira imbere imikoranire hagati y'ibihugu byayo ndetse n'ibindi bihugu byo ku rwego mpuzamahanga, hashingiwe ku nyungu z'impande zombi.***

Ibi yabivugiye mu gihugu cya Cote d'Ivoire, mu nama ya Africa CEO Forum 2025, aho yasabye ibihugu by'Afurika kwigira no kwihitiramo icyerekezo cy'iterambere cyayo aho gutegereza gusunikwa n'ibikorerwa ahandi.

Mu kiganiro yahaye abitabiriye iyo nama, Perezida Kagame abajijwe ku cyo avuga ku byemezo bya Perezida wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Donald Trump, yafatiye ibihugu bya Afurika birimo kubihagarikira inkunga.

Yagize ati: "Ntitugomba gukomeza kwishingikiriza ku byo abandi bavuga cyangwa bakora kuri twe. Tugomba gukorera hamwe hagati yacu n'ibindi bihugu byo ku rwego mpuzamahanga bitanga ibyo dukeneye, natwe tukabaha ibyo bakeneye.

Kuri ibi bijyanye n'ibyemezo Perezida Trump yafashe, byibutsa abantu gukanguka, nkatwe Abanyafurika kwishakamo ubushobozi bwo gukora ibyo tugomba gukora".

Yakomeje agaragaza ko Afurika ifite amahirwe kandi akunze kuvugwa buri munsi, ariko ko abaturage ba Afurika bakwiye kuyabyaza umusaruro.

Perezida Kagame yakomeje avuga ko bitagomba gufatwa nk'ibitangaje iyo Afurika igira icyo ikora nyuma y'uko habaye igikorwa kiyigizeho ingaruka.

Ahubwo, ngo Afurika ikwiye kuba yarubatswe bihagije ku buryo igira ubushobozi bwo kwihanganira ibihe bikomeye no kwihaza mu byo ikeneye.

Yagize ati: "Ntabwo bikwiye ko tuzazinduka rimwe mu gitondo tugashaka kugirira icyo dukora umuntu kubera icyo yakoze kitugiraho ingaruka. Twari dukwiye kuba twarubatse ubushobozi bwo gukora ibyo tugomba gukora kugira ngo Afurika yihaze kandi ikomeze guhangana n'ibibazo."

Umukuru w'Igihugu yashimangiye ko Afurika igomba kwihitiramo icyerekezo igomba kuganamo, aho gutegereza icyemezo cy'abandi.

Ibi biganiro bihuza abayobozi bakomeye mu bukungu n'abashoramari, bikomeje kuba urubuga rwo kwiga ku buryo Afurika yakwihuta mu iterambere ryayo, rishingiye ku bufatanye burambye no kwihaza mu by'ingenzi.

Inama y'Abayobozi Bakuru b'Ibigo i Abidjan yahurije hamwe abasaga 2000 barimo abashoramari, abanyapolitiki n'abayobozi b'ubucuruzi. Inama y'umwaka utaha biteganyijwe ko izabera mu Rwanda.

# U Rwanda rugiye kongera abarimu baturutse muri Zimbabwe

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Rwanda, ibinyujije muri Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo, irategura kwinjiza mu nshingano abandi barimu barenga 150 baturutse muri Zimbabwe, mu kurushaho guteza imbere urwego rw'uburezi.***

Ni amakuru mashya yashimangiwe n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Abakozi ba Leta muri Zimbabwe Simon Masanga, aho yemeza ko gahunda yo kubohereza mu Rwanda iri hafi gutangira.

Abo barimu basaga 150 bagiye kwiyongera ku bandi 154 baturutse muri Zimbabwe bageze mu Rwanda ku wa 20 Ukwakira 2022, baje kwigisha amasomo atandukanye ku bufatanye bw'ibihugu byombi mu guteza imbere uburezi.

Ubwo bufatanye bwatangiye nyuma y'uko ku wa 23 Ukuboza 2021 u Rwanda na Zimbabwe byashyize umukono ku masezerano agamije kwimakaza imikoranire mu burezi no guhererekanya ubumenyi hagati y'ibihugu byombi.

Ayo masezerano yasinywe hagati y'ibihugu byombi avuga ko Zimbabwe izohereza u Rwanda abarimu bo kwigisha amasomo y'icyongereza bagenzi babo bigisha mu mashuri abanza, ayisumbuye na Kaminuza.

Abamaze kugera mu Rwanda bashimirwa umusanzu ntagereranywa batanga mu guteza imbere uburezi mu mashuri yisumbuye nderabarezi, Amashuri Makuru y'Imyuga n'Ubumenyingiro (RP), Amashuri Yisumbuye y'Imyuga n'Ubumenyingiro (TVET) na koleji za Kaminuza y'u Rwanda by'umwihriko muri Koleji y'Ubumenyi mu Buvuzi n'Ubuzima.

Abo barimu bafasha n'abandi bakozi mu zindi nzego zikeneye abantu bakoresha Icyongereza kenshi, u Rwanda rukaba rwaremeranyijwe na Zimbabwe ko ruzakira abarimu 477.

Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph, yashimiye abo barimu ashimangira ko batanga umusaruro ku bigo by'amashuri, ku banyeshuri n'urwego rw'uburezi mu Gihugu.

By'umwihariko, yashimye uburyo bahanga udushya mu buryo bigishamo ndetse n'ubushobozi bwabo budasanzwe bwo kwisanisha n'umuco nyarwanda mu kurushaho gutanga uburezi buboneye.

Yagize ati: "Tubikuye ku mutima tubashimira impinduka bazanye mu mashuri yacu no ku banyeshuri. Mwakungahaje urwego rw'uburezi mu Rwanda binyuze mu guhanga udushya mu kwigisha ndetse no kwiyemeza guharanira intsinzi y'abanyeshuri."

Minisitiri Nsengimana yashimangiye ko u Rwanda rufite gahunda yo gukomeza kwinjiza mu burezi abarimu bashya bo muri Zimbabwe kugira ngo barusheho kwagura umusaruro batanga ku gihugu.

Ambasaderi wa Zimbabwe mu Rwanda Prof. Charity Manyeruke, we yashimye umubano uzira amakemwa urangwa hagati y'u Rwanda na Zimbabwe, by'umwihariko muri iyi gahunda y'ubufatanye no guhererekanya abakozi mu burezi.

U Rwanda na Zimbabwe byashyizeho za Ambasade i Harare n'i Kigali mu mwaka wa 2019, mu rwego rwo kurushaho kwagura ubutwererane mu nzego zitandukanye.

Ibyo bihugu byombi bifitanye umubano wihariye ushingiye ku kuba bihuje byinshi mu birebana n'ingano y'ubukungu, abaturage intera y'iterambere n'amateka.



**U Rwanda na Zimbabwe bakomeje ubufatanye mu rwego rw'uburezi**

# Kigali: Bafungiwe kwiba Umunyamisiri ibikoresho bya miliyoni 15 Frw

**KAYITARE Jean Paul**

***Polisi y'Umujyi wa Kigali iratangaza ko yataye muri yombi abagabo babiri bo mu kigero cy'imyaka 25 na 37, bakekwaho icyaha cyo kwiba ibikoresho by'uburanga bifite agaciro ka miliyoni 15 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Umuvugizi wa Polisi mu Mujyi wa Kigali, CIP Wellars Gahonzire, yabwiye Imvaho Nshya ko aba bagabo bafashwe ku wa Mbere tariki 12 Gicurasi 2025 ahagana Saa tatu n'igice za mu gitondo.

Yavuze ko bafatiwe muri Camp Kigali ahari kubera imurikagurisha ry'abanyamisiri mu Murenge wa Nyarugenge mu Karere ka Nyarugenge.

CIP Gahonzire yagize ati: "Polisi yacungaga umutekano muri iyi Expo yafashe Dukuzumuremyi Mariciale na Uwiringiyimana Olivier bamaze kwiba umwe mu bitabiriye imurikagurisha witwa Amuri Yusufu ukomoka mu Misiri.

Bafashwe bamaze kumwiba; imikufi, amasaha, amashanete n'impeta, bifite agaciro ka 15 000 000 Frw kandi ibyo bibye byose byafashwe, abaregwa bashyikirizwa Sitasiyo ya Polisi Nyarugenge."

Umuvugizi wa Polisi mu Mujyi wa Kigali, CIP Gahonzire, yahamirije Imvaho Nshya ko ibyibwe byose byafashwe bigashyikirizwa nyirabyo.

Polisi y'u Rwanda yizeza umutekano usesuye abitabira imurikagurisha ry'Abanyamisiri; yaba abanyamahanga cyangwa abaturarwanda kuko ngo abapolisi bahari kugira ngo umutekano ugende neza.




**Aba basore babiri bibye umunyamahanga ibifite agaciro ka miliyoni 15 z'amafaranga y'u Rwanda**

Akomeza agira ati: "Turihanangiriza abantu bose bafite ingeso yo kwiba kuyicikaho kuko inzego z'umutekano ziri maso kandi ko ntaho bazazicikira."

Polisi yibutsa abaturage gutangira amakuru ku gihe no kugana inzego z'umutekano bityo bagatanga ibirego igihe bahuye n'ikibazo cy'ubujura.

Itegeko N0 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ingingo ya 166 ivuga ko Umuntu wese uhamijwe n'urukiko icyaha cyo kwiba, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2), ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 Frw), imirimo y'inyungu rusange mu gihe cy'amezi atandatu (6) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 167 ivuga ko ibihano ku cyaha cyo kwiba byikuba kabiri iyo uwibye yakoresheje guca icyuho, kurira cyangwa yakoresheje igikoresho icyo aricyo cyose gifungura aho utemerewe kwinjira, kwiba byakozwe mu nzu ituwemo cyangwa isanzwe ibamo abantu cyangwa mu nyubako ziyikikije, kwiba byakozwe nijoro cyangwa kwiba byakozwe n'abantu barenze umwe.

# U Rwanda rwasabye ubufatanye bw'Akarere mu kubyaza umusaruro ubwikorezi




**Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente Edouard yasabye Akarere ubufatanye bwo kubyaza umusaruro ubwikorezi**

**KAMALIZA Agnes**

***Minisitiri w'Intebe Dr. Edouard Ngirente, yasabye ubufatanye hagati y'ibihugu byo mu Karere kuko ari ho hari amahirwe y'ubukungu mu guteza imbere urwego rw'ubwikorezi bwo mu kirere muri Afurika.***

Ibyo yabigarutseho ku wa 12 Gicurasi 2025, ubwo yatangizaga inama ya 13 y'Ishyirahamwe ry'ibigo by'Ubwikorezi bwo mu Kirere muri Afurika (AFRAA) yahuje abayobozi batandukanye n'abafatanyabikorwa babwo.

Minisitiri Dr. Ngirente yashimangiye ko guhuza imbaraga ari byo bizafasha ahazaza h'urwo rwego ku mugabane.

Yavuze ko gahunda y'isoko rimwe ry'indege muri Afurika (Single African Air Transport Market – SAATM) na gahunda y'Isoko Rusange ry'Afurika (AfCFTA) ari ingenzi, ariko bisaba kunoza imikoranire mu by'itumanaho ryo mu kirere kugira ngo bigerweho.

Yagize ati: "Intego z'u Rwanda ntizagerwaho nta bufatanye. Twese tuzi ko iterambere rya Afurika rifitanye isano. Afurika ifite ikirere gihuriweho n'ibihugu byayo, byatuma ibiciro bigabanyuka, tukanafungura amahirwe y'ubukungu aboneka ku mugabane."

Minisitiri w'Intebe Dr. Ngirente yashimye uruhare rwa Sosiyete y'u Rwanda y'Ubwikorezi bwo mu Kirere (RwandAir) mu guhuza Afurika n'ibindi bice bitandukanye by'Isi.

Yagaragaje ko RwandAir iri kongera umuvuduko ku mugabane aho imaze kugera mu byerekezo birenga 100 yerekezamo hirya no hino mu buryo butaziguye ku bufatanye n'andi masosiyete y'indege.

Yavuze ko ikomeje kwigarurira imitima cyane cyane iy'urubyiruko, aho abakabakaba 2 000 basabye kwiga amasomo y'abapilote bato ajyanye no gutwara indege (cadet pilot programme) muri uyu mwaka.

Yashimangiye ko u Rwanda rwiyemeje gushora imari mu bikorwa remezo by'indege nko kwagura Ikibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali ndetse no kubaka ikibuga gishya cya Bugesera.

Yagaragaje ko ibyo atari imishinga y'ubwikorezi bwo mu kirere gusa ahubwo ari imbarutso y'iterambere u ngeri zitandukanye.

Ati: "Iyi ntabwo ari imishinga y'ubwikorezi gusa, ahubwo bifite uruhare runini mu iterambere ry'ubukungu, umusemburo w'iterambere ry'ubucuruzi, ubukerarugendo no guhanga imirimo."

Ikibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Bugesera kiri kubakwa ku bufatanye na Qatar Airways, biteganyijwe ko kizuzura mu mwaka wa 2028, gitwaye miliyari 2 z'amadolari y'Amerika.

Ni mu gihe icyiciro cya mbere cy'Ikibuga cy'Indege cya Kigali gishya kizuzura mu 2027, kizaba gifite ubushobozi bwo kwakira abantu miliyoni 7 mu gihe icyiciro cya kabiri kizarangira mu 2032 kizaba gifite ubushobozi bwo kwakira abantu miliyoni 14.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Ibiganiro birakenewe mu guharanira umutekano urambye*

*Ahatari ibiganiro hahora amakimbirane, intonganya ndetse binatiza umurindi intambara ku bihugu byinangira kuyoboka inzira y'ibiganiro byibwira ko gukoresha imbaraga za gisirikare bishobora gutanga igisubizo cyihuse.*

*Mu biganiro ni ho haganirirwa inkuru zishingiye ku marangamutima ya buri wese, ukuri n'ibyo umuntu yibwira kuri mugenzi we bitari byo, kwinjira mu nkweto y'undi no gusobanukirwa uburemere bw'ikibazo gihari. Mu kubwirana inkuru z'ubuzima, ingorane abantu banyuzemo cyangwa bakinyuramo ni ho havuka umuyoboro muzima wo gushaka igisubizo kitagira n'umwe kibangamiye.*

*Icyo gisubizo kiba gishingiye ku bwumvikane bwagezweho, guha agaciro ibyiyumviro bya buri ruhande Abanyarwanda bita gusasa inzobe, ingamba zishibukaho zikaba zidashobora kunyeganyezwa n'uwo ari we wese wava hanze ashaka guhungabanya umubano w'abafashe igihe cyo kumvikana.*

*Ku rundi ruhande, abantu bananirwa kubona umusaruro mwiza mu biganiro kubera kutagirirana icyizere, gusarikwa n'inarijye, kubogama, kunanirwa kumva akababaro k'abandi no kutava ku izima. Iyo mipaka ituma bigorana kuba abantu bashobora kubaka ubwumvikane buhuriweho.*

*Mu gihe Afurika yugarijwe n'ibibazo birimo iby'umutekano muke, iterabwoba n'ubushyamirane bw'ibihugu, ibiganiro binyuze mu kuri ni wo muti wageza abatuye ku mugabane ku mahoro n'umutekano birambye.*

*Akenshi ubuhunzi, ubwimukira, ubwigomeke, kuvuka kw'imitwe yitwaje intwaro n'iy'iterabwoba, bikunze gushingira ku mpamvu z'ingenzi zirimo kuvutswa uburenganzira ku babukwiye, kwamburwa amahirwe no kwimakaza ibindi bibazo bishamikira ku miyoborere mibi.*

*Muri make ibyo byose biba ari umusaruro w'uko abantu, abakomeye n'aboroheje, batagize umwanya wo kuganira ngo bashakire hamwe ibisubizo by'ibibazo bihari batabiciye ku ruhande, nubwo bigoranye kubona igisubizo cyanezeza abantu bose.*

*Mu kutumvikana ni ho kavuka umubabaro ushingiye kuri politiki mbi, ingengabitekerezo n'impinduka zidasanzwe muri sosiyete yumva yarasigajwe inyuma n'ukwiyumva n'ukwikunda kwa bamwe. Uruhurirane rw'ibyo bibazo rugenda rukongeza ibikorwa byo kwigomeka, iterabwoba n'ubuhezanguni bushingiye ku matwara ya politiki, iyobokamana, amoko n'imyumvire ishingiye ku ngengabitekerezo isenya.*

*Mu gihe i Kigali hateranira inama mpuzamahanga ku mutekano muri Afurika yateguwe n'Umuryango ISCA, abayitabira biteguye kuganira ku mpamvu shingiro z'ibibazo by'umutekano muke wabaye nk'ikirango cy'Afurika mu ruhando mpuzamahanga.*

*Ibihugu byitabira byose bigamije gushakira hamwe umuti uganisha ku mahoro arambye ku mugabane w'Afurika, ikaba ari intambwe ikomeye mu rugendo rwo guharanira kubaka Afurika yubashywe kandi iteye imbere ku bwo kubona ijambo ku meza mpuzamahanga y'ibiganiro.*

*Kimwe mu bigarukwaho muri iyo nama harimo no gushakira umuti imwe mu mbarutso y'umutekano muke, yo kuba hari amahanga yihisha inyuma y'umutekano muke akurikiye imitungo kamere y'Afurika.*

*Iyo mpamvu shingiro n'izindi zicyenyegeza umutekano muke mu bihugu bitandukanye by'Afurika, zose zishobora kubonerwa igisubizo kirambye mu gihe Abanyafurika bemeye guhuza bakaganira buri wese yumva ko kubona igisubizo kirambye bimureba nta kubyegeka ku bandi.*

# Ntidukwiye kugira abana imbata y'amateka mabi twanyuzemo – Minisitiri Dr Bizimana

**KAYITARE Jean Paul**

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr Bizimana Jean Damascène, asaganga ababyeyi badakwiye kugira abo babyara imbata y'amateka mabi u Rwanda rwanyuzemo ahubwo ko abana bakeneye kubwizwa ukuri bityo u Rwanda ntiruzasubire mu mwijima.***

Yabigarutseho ku wa Gatanu tariki 16 Gicurasi 2025, mu kiganiro yatangiye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ni igikorwa cyateguwe n'inzego za Leta zirimo Ibiro bya Minisitiri w'Intebe, Minisiteri y'Ubutabera, Minisiteri y'Ibikorwa Remezo na Komisiyo y'u Rwanda ishinzwe ivugururwa ry'Amategeko.

Minisitiri Bizimana yatanze ikiganiro kigaruka ku mateka ya politiki y'ivanguramoko yagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Yifashishije umugani w'ikinyarwanda, yavuze ko 'Umubyeyi ukwanga akuraga urubanza rwamunaniye'. Aha ni ho ahera asaba ababyeyi kubwiza abana ukuri bityo ntibababagire imbata y'amateka mabi Abanyarwanda banyuzemo.

Yagize ati: "Ntidukwiye kugira abana imbata y'amateka mabi twanyuzemo, tubahisha ukuri, tubabeshya. Abato badukeneyeho ukuri bityo tukubaka u Rwanda ruzi aho rwavuye rufite abaturage bafatanyije, biyemeje kutazasubira inyuma."

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascène, yagarutse ku banyeshuri b'Abanyarwanda bigaga mu Bubiligi mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi, bashyigikiye umugambi wa Leta yayiteguye wo kwirukana bamwe mu banyeshuri n'abakozi b'Abatutsi mu mashuri no mu kazi.

Ati: "Abanyeshuri b'Abanyarwanda bigaga mu Bubiligi barateranye bakorta inama ku itariki 10 Werurwe 1973 bandika inyandiko y'impapuro 12 ishyigikira y'abanyeshuri b'Abanyarwanda b'Abahutu biga mu Bubiligi ku kibazo cy'imibanire y'amoko mu Rwanda."

Avuga ko ari inyandiko yasinyweho n'abantu 170, bashyigikira ko Leta yirukana abanyeshuri n'abakozi b'Abatutsi ndetse banavuga ko bitagomba ko Abatutsi bazongera kurenga 10% mu mashuri no mu kazi.

Leon Mugesera ni we washyizeho urutonde rwabo akurikije uko iyo baruwa imeze, benshi muri bo bagaruka mu Rwanda bahabwa imyanya y'ubuyobozi.

Ati: "Bamwe ntibanakoze Jenoside ku buryo Perezida wa Repubulika yabagiriye icyizere, nyuma ya Jenoside bajya muri Leta y'Ubumwe bafatamo imyanya ikomeye."

Minisitiri Dr Bizimana avuga ko iyo habayeho impamvu ituma havugwa ku mateka yo mu 1973 n'abayaguyemo, bisobanurwa n'abantu nka Kalisa uri mu bahohoterwaga, Dr Emile Rwamasirabo, Ezechias Rwabuhihi, Nyiramirimo Odette, Rose Mukankomeje n'abandi bahigwaga gusa.

Ati: "[…] abari bayoboye iki gikorwa cyo kwirukana Abatutsi, kubakubita, kubamenesha, kubica kandi barahari, n'ababibonaga ariko batabigizemo uruhare, nta n'umwe uza avuge ngo iki gikorwa cyari cyateguwe gutya, dore icyo cyari kigamije, turabyicuza, bigishe urubyiruko baruhanure.

Bivugwa n'abahigwaga gusa, ntabwo ari byo cyane cyane ko abahigwaga ibyo baba bazi ari bikeya. Izi nama ntibabaga bazirimo, ntabwo babaga bandika izi nyandiko, babonaga bibagwaho gusa."



**Urubyiruko rukwiye kubwirwa ukuri kw'amateka y'Igihugu**



Minisitiri w'Ingabo w'u Rwanda Juvenal Marizamunda yavuze ko u Rwanda rutazahwema kugira uruhare mu bikorwa byo kubungabunga amahoro

# U Rwanda rwashimangiye ukwiyemeza rushyira mu kubungabunga amahoro

**KAMALIZA Agnes**

***Leta y'u Rwanda yashimangiye umurava no kwiyemeza gukomeza gushyigikira ibikorwa byo kubungabunga amahoro ku Isi, ariko igaragaza ko hakenewe amavugurura mu mikorere y'Ingabo z'Umuryango w'Abibumbye (Loni) kugira ngo zikore neza n'abasivile barindwe.***

Ibyo byagarutsweho na Minisitiri w'Ingabo w'u Rwanda Juvenal Marizamunda ubwo yari mu nama ya 2025 yo ku rwego rwa ba Minisitiri yiga ku bikorwa byo kubungabunga amahoro ku Isi (UN Peacekeeping Ministerial), yabereye i Berlin mu Budage.

Minisitiri Marizamunda yashimangiye ko hakenewe amavugurura mu bikorwa byo kubungabunga amahoro himakazwa kudasumbanya mu butumwa bwose.

Yagaragaje akamaro k'ibyo biganiro ndetse avuga ko hakenewe guhuza ibikorwa n'umusaruro ubivamo kandi hagashyirwaho ibipimo bifatika bifasha kumenya niba intego ziba zaragezweho koko.

Yagize ati: "Nta gihe cyiza kiruta iki kuko nemera ko bizatanga ibisubizo kuri bimwe mu bibazo bikomeye ingabo zacu ziri guhura nabyo."

Yagaragaje ko abasivile bakeneye gucungirwa umutekano, hakarwanywa amagambo y'urwango, hakarebwa imizi y'ibibazo harimo imiyoborere mibi, amacakubiri na za ruswa.

Yagize ati: "Ikibazo hari amakuru y'ibihuha, kuba hari ayumvwa nabi, amagambo y'urwango n'urugomo bikomeza kubangamira umutekano w'abasivile mu duce turimo amakimbirane."

Minisitiri Gen. Marizamunda yakomeje avuga ko Isi idakeneye amagambo ashingiye ku buhenzanguni cyangwa ay'urwango kuko bibangamira amahoro ndetse bigakongeza ubwicanyi ndengakamere bwibasira abasivili binaganisha ku byaha bya Jenoside.

Yasabye Imiryango Mpuzamahanga kuva mu byo guhangana n'ibibazo by'ako kanya, ahubwo hakitabwa ku bisubizo birambye.

Yanagaragaje ko ibibazo byo kutumvikana kw'ibihugu bikomeye biri mu Kanama gashinzwe Umutekano (UN) bigira ingaruka zikomeye ku ifatwa ry'imyanzuro.

Iyi nama ya UN Peacekeeping Ministerial ni urubuga rukomeye ruhurizwaho ibihugu bigamije kongera kwiyemeza no gutanga umurongo mushya mu bikorwa byo kubungabunga amahoro.

Kugeza ubu, u Rwanda rufite abasirikare 5.900 mu butumwa bw'amahoro bw'Umuryango w'Abibumbye, rukaba ari urwa kabiri mu bihugu bitanga umusanzu n'ingabo nyinshi muri ubwo butumwa, nyuma ya Nepal ifite abasirikare 5.950.

# Amerika itegereje igisubizo cy'u Rwanda na RDC ku mushinga w'amahoro

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Leta Zunze Ubumwe z'Amerika (USA) zatangaje ko zitegereje igisubizo cya Leta y'u Rwanda n'iya Repubulika Iharanira Demokarasiya Congo (RDC) ku bikubiye mu mushinga w'amasezerano y'amahoro yitezweho gutanga igisubizo kirambye ku mutekano muke mu Karere no kuzahura umubano w'ibihugu byombi.***

Guverinoma ya USA ivuga ko mu mpera z'iki cyumweru ari bwo biteze ko u Rwanda na RDC bizatanga igisubizo cya nyuma, nk'uko Intumwa ya Perezida w'Amerika muri Afurika Massad Boulos yabigangarije Ibiro Ntaramakuru by'Abongereza (Reuters).

Massad Boulos yongeyeho ko hashobora kuba hakiri impinduka bifuza gukora kuri uwo mushinga w'amahoro cyangwa kurushaho kuwunonosora, ariko akaba yizeye ko mu byumweru bike biri imbere byose bizaba byamaze gushyirwa mu buryo.

Guverinoma y'Amerika ikomeje guharanira gusinyana amasezerano n'ibihugu byinshi bibonekamo amabuye y'agaciro, imaze igihe irambagiza imikoranire na RDC ishoboka gusa mu gihe icyo gihugu kitakirangwamo intambara n'umutekano muke.

Ni muri urwo rwego, Amerika yafashe inzira yo gutera ingabo mu bitugu gahunda zigamije gushyira iherezo ku mutekano muke wabaye karande mu Burasirazuba bwa RDC, unagira ingaruka ku Rwanda n'ibindi bihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Boulos yahamije ko muri iki cyumweru yavuganye na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame ndetse na Perezida wa RDC Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo, bombi bahamya ko banyuzwe n'intambwe imaze guterwa.

Ati: "Byari byiza ku mpande zombi. Bombi bategereje gukorana natwe, na Qatar hamwe n'Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe (AU) mu guharanira kugera ku gisubizo cya nyuma kizaduha amahoro arambye."

Mu ntangiriro z'uku kwezi, u Rwanda na RDC bashyikirije Amerika ibyo bifuza ko bitabura mu masezerano y'amahoro mu rwego rwo guharanira kugera ku mwanzuro umwe uganisha Akarere k'Ibiyaga Bugari ku kugera ku mamiliyari y'amadolari y'Amerika y'ishoramari.

Aha ni ho yagaragaje ko Amerika yamaze gukora kuri ibyo byifuzo byaturutse ku mpande zombi, ikagera ku mwanzuro umwe.

Ati: "Dutegereje igisubizo cya nyuma kizava ku mpande zombi. Nitumara gusoza iyi nshuro ya nyuma Umunyamabanga wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika Rubio yiteguye kwakira impande zombi hano [muri Amerika]. Bityo rero, dufite icyizere ko ibi bishobora gusozwa vuba bishoboka muri ibi byumweru bike biri imbere."

Umunyamabanga wa USA Marco Antonio Rubio, aheruka kubwira itangazamakuru ko yiteguye kwakira ba Minisitiri b'Ububanyi n'Amahanga b'u Rwanda na RDC hagamijwe ko bemeranya ku bikubiye mu mushinga w'amasezerano y'amahoro.

Inzira ya dipolomasi ikomeje guharurirwa amayira mu gihe imirwano ikomeje gushyamiranya Ingabo za Leta ya RDC (FARDC) yifatanyije n'imwe mu mitwe yintwaro mu guhangana n'umutwe wa M23 uharanira uburenganzira bw'Abanyekongo bamaze imyaka ikabakaba 30 babwambuye.

Uwo mutwe witwaje intwaro waje kwihuza n'umutwe wa Politiki wa AFC, umaze kwigarurira imijyi ikomeye ya Bukavu na Goma, n'utundi duce two mu Ntara ya Kivu ya Ruguru n'iy'Epfo.



Leta zunze ubumwe za Amerika zitegereje igisubizo cy'u Rwanda na RDC ku mushinga w'amahoro





# Ibigo 30 byimakaje ihame ry'uburinganire byahawe ibirango by'ubuziranenge

**KAYITARE Jean Paul**

***Ibigo 30 byimakaje ihame ry'uburinganire mu Rwanda bimaze guhabwa icyemezo cy'ubuziranenge cyiswe 'RS 560:2023 Gender Equality Seal' gihabwa ibigo byashyizeho ingamba, serivisi, imikorere cyangwa ibicuruzwa byubahiriza ihame ry'uburinganire.***

Ni icyemezo gitangwa n'Urwego rushinzwe kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye (GMO) ku nkunga y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP), hagamijwe kongerera ibigo ubushobozi bwo gukora hitabwa ku buringanire no gutanga umusaruro ushingiye ku ihame ry'uburinganire.



Nadine Gatsinzi Umutoni, Umugenzuzi Mukuru w'Urwego GMO

Nadine Gatsinzi Umutoni, Umugenzuzi Mukuru w'Urwego GMO, asobanura ko ari gahunda batangije mu myaka irindwi ishize, by'umwihariko ikorana n'ibigo byigenga n'ibya Leta.

Yagize ati: "Ni gahunda twatangiye mu 2018, uyu munsi dufite ibigo 30 byarangije kubona 'Gender Equality Seal' kuko hari ibyo bahinduye mu mikorere yabo. Ibigo 25 muri byo byahawe zahabu (Gold), 2 bihabwa ifeza (Silver) naho ibindi 3 bisigaye bihabwa umulinga (bronze)."

Mu bigo 50 birimo ibya Leta n'ibyigenga, 30 ni byo ubuyobozi bwa GMO bumaze guha icyemezo 'Gender Equality Seal'.

Akomeza agira ati: "Ni gahunda twatangiranye tubafasha kubahiriza nabo iri hame ry'uburinganire kuko gusakaza ihame ry'uburinganire bikorwa na bose, si inzego za Leta gusa bireba inzego zose harimo n'abikorera."

GMO ivuga ko nko mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu (REG) bashoboye gushyiraho icyumba gifasha ababyeyi konsa ndetse bashyiraho n'uburyo bwo gutwara ababyeyi bifuza gutaha bakajya konkereza abana mu rugo kandi bikozwe n'ikigo.

Akomeza agira ati: "Bashyizeho uburyo bwo kongera umubare w'abana b'abakobwa bakiri urubyiruko nk'abakozi bakora muri REG."

Ubuyobozi bwa GMO buvuga ko ikinyamakuru The NewTimes, kiri mu bazamuye umubare w'abagore n'abakobwa bagikoreramo nyuma yo kwinjira muri gahunda ya 'Gender Equality Seal'.

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB), busobanura ko mu bisigaye bisabwa mu buziranenge ku rwego mpuzamahanga harimo ubuziranenge bushingiye ku buryo ibicuruzwa byagiye bikorwa niba haritawe ku ihame ry'uburinganire n'iryo kudakoresha abana.

Raymond Murenzi, Umuyobozi Mukuru wa RSB, yavuze ko harimo kurebwa uko ibyari bisanzwe bikorerwa muri GMO byakwimurirwa muri RSB mu bijyanye no gutanga icyemezo cy'ibirango by'ubuziranenge 'Gender Equality Seal'.

Yagize ati: "Kugira ngo ibicuruzwa by'u Rwanda byongererwe agaciro bibashe kugera ku masoko atandukanye, twagiye tubona ibicuruzwa by'u Rwanda bijya ku masoko mpuzamahanga bakabaza bati ese mbere yuko muza hano, ihame ry'uburinganire iwanyu ryifashe gute?

Ibicuruzwa byakozwe n'abagabo gusa, ese byakozwe n'abagore gusa, ese mwemeza mute ko ihame ry'uburinganire ryubahirijwe igihe hakorwaga ibicuruzwa?"

Yavuze ko ibi ari byo byatumye hajyaho ingamba zo gutanga icyemezo cya Gender Equality Seal mu rwego rwo gutuma ibicuruzwa byo mu Rwanda bikomeza kugirirwa icyezere ku isoko mpuzamahanga.

Nzeki Samuel Munyao, Umuyobozi Mukuru wa Silverback Tea Company, yishimira ko kugira icyemezo cya Gender Equality Seal biborohereza mu bucuruzi bakora.

Ati: "Iyo bigaragajwe neza mu mpapuro biroroha, kuko ibyo byangombwa ubyereka abaguzi ko wubahiriza amahame y'uburinganire, ukaba unafite icyemezo cy'ubuziranenge kibyerekana. Gender Equality Seal ni igikoresho cy'inyongera kuri twe cyerekana ibyiza dukora mu bigo byacu bitandukanye."

Ibi abihuriraho na Bashayija Samuel ushinzwe abakozi mu ruganda rukora imyenda mu Karere ka Muhanga, Janiya Investment Ltd, uhamya ko batangiye urugendo rubaganisha ku kubona icyo cyangombwa.

Yagize ati: "Urugendo twararutangiye, ntabwo tumaze igihe kinini dutangiye ariko twabonye ko bishoboka cyane, nitwuzuza ibisabwa byose tuzagera ku ntego z'icyo twiyemeje."

Avuga ko urwego bakoreramo rwiganjemo abagore bityo bakazakora ibishoboka kugira ngo n'abagabo bitabire imirimo ikorerwa mu ruganda rwabo.

Ati: "Hari uburyo tuzashyiraho bwo kwigisha igitsina gabo bakaba bakwiga kudoda noneho bakaba benshi bitabira gukora mu ruganda rwacu."

Kuri we, Gender Equality Seal izabafasha gutuma bagera ku isoko mpuzamahanga mu gihe ngo baba bagize amahirwe yo kubona iki cyangombwa kandi ngo ibicuruzwa byabo bizaba byizewe kurusha uko byizewe ubu.

Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Uwimana Consolée, avuga ko uburinganire n'ubwuzuzanye ari bimwe mu bizafasha Igihugu muri Gahunda ya Guverinoma yo kwihutisha Iterambere (NST2).

Yagize ati: "Muvugurure politiki, porogaramu n'imikorere, mushobora kujya mwibaza muti ese ntitubogama, ese duha amahirwe anagana abagabo n'abagore? Twumvikanisha amajwi yabo kimwe, ese impapuro zacu, sisiteme n'imyumvire yacu byitabwaho igihe hasaranganywa inshingano?

Leta y'u Rwanda yiyemeje gukorana n'inzego z'abikorera, imiryango itari iya Leta n'abafatanyabikorwa mu guteza imbere igenzura ry'ibipimo by'ubwuzuzanye mu gihugu n'imikorere."

Mu gutanga iki cyemezo, RSB igaragaza ko aho ibicuruzwa by'u Rwanda bitageraga bizahagera kubera ko hari ibihugu by'Iburayi no muri Amerika byagiye byereka u Rwanda ko ihame ry'uburinganire ari ingenzi cyane mu myemerere yabo.

Ibyo birango by'ubuziranenge byari bisanzwe bitangwa na GMO ifatanyine na UNDP, ubu byimuriwe muri RSB kugira ngo hemezwe ko igicuruzwa cyakozwe hubahirijwe ihame ry'uburinganire.

Leta yashyizemo nkunganire ihagije muri iyi gahunda kugira ngo ibicuruzwa by'u Rwanda bigere ku isoko mpuzamahanga bifite agaciro.

Ibi kandi byatumye kubona icyemezo cya 'Gender Equality Seal' bigirwa ubuntu, mu gihe inganda nini zo zizajya zishyura 100 000 by'amafaranga y'u Rwanda kandi kikamara imyaka Itanu.

# Abadepite bishyurije ibitaro byambuwe asaga miliyari 1.2 Frw

ZIGAMA Theoneste

***Abadepite bagize Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo bya Leta bagaragarije Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE) ko hari umwenda wa miliyari 1 n'asaga miliyoni 288 z'amafaranga y'u Rwanda, ibitaro bya Leta bitandukanye biberewemo, kubera ko byavuye abaturage ariko ntibyishyurwe.***

Babigarutseho ku wa Kabiri tariki ya 13 Gicurasi 2025, mu kiganiro bagiranye na Minisiteri y'Ubuzima n'ibigo biyishamikiyeho, cyagarukaga ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2024/2025 n'impanzirizamushinga y'iy'umwaka wa 2025/2026.

Depite Mukamwiza Gloriose yagaragaje ko icyo kibazo cy'umwenda kimaze igihe kandi ibitaro bitandukanye bitishyurwa serivisi z'ubuvuzi bw'abarwayi badafite ubwishyu, bikaba intandaro yo gutanga serivisi mbi.

Yagize ati: "Ibitaro bya Leta bihuriye ku bibazo bya serivisi z'ubuvuzi zihabwa abadafite ubwishyu, hari kandi n'abandi bantu bavurwa ntibishyure, bikaba byarateje umwenda wa miliyari imwe na miliyoni 288 n'ibihumbi 219 na 388."

Perezida w'iyo Komisiyo, Hon Uwamariya Odette na Hon Mukamwiza babajije Minisiteri y'Ubuzima niba iki kibazo igitekerezaho ku buryo cyanagenerwa ingengo y'imari mu 2025/26.

Minisitiri w'Ubuzima Dr. Nsanzimana Sabin, yamereye Abadepite ko icyo kibazo gihari, kandi imyenda y'ibitaro yose bagiye kwegeranya amadosiye bareba ibitarishyurwa byose



**Minisitiri w'Ubuzima Dr Nsanzimana Sabin yagaragaje ko Leta irimo kuvugutira umuti ikibazo cy'umwenda w'ibitaro bifitiwe n'abaturage**

byishyurwe.

Yagize ati: "Imyenda yagiye igaragaza ibitaro bifitiwe imyenda, turaza kubyandika tubikurikirane kuko hari ibiriho, bikarangira. Yavuze ko hagiye gusuzumwa ukwiye kujya yishyuza abaturage bavuwe mu buryo bunoze, kandi n'abishyura bakishyura nta mananiza."

Dr. Nsanzimana yumvikanishije ko hari ibibazo bijyanye n'imibereho y'abaturage bijyanye n'ubuvuzi bakorana na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINICOM) ndetse n'iy'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) mu kubikemura, bityo n'uyu mwenda uzishyurwa w'ibitaro muri iyi nzira.

Yagize ati: "Hari ibyo twakoranaga na MINALOC n'Uturere mu ngengo y'imari twishyuraga ibibazo bijyane n'imibereho y'abaturage gusa wasangaga bidahura n'amafaranga aba yabitanzweho ariko icyo twari twakiganiye n'inzego MINALOC na MINECOFIN turaza kongera kukinoza kugira ngo ibitaro bidahomba."

Mu bihe bitandukanye mu Rwanda hari abaturage bakunze kwinubira gufatwa bugwate n'ibitaro, kubera ko babuze ubwishyu bw'ubuvuzi bakorewe, bitewe n'amikoro make, bakifuza ko ibi bitaro byajya bibarekura bagataha bakazishyura buhoro buhoro.

Icyakora ubuyobozi bw'ibitaro bwo bwagaragaje kenshi ko iyo abaturage bananiwe kwishyura ibitaro byandikira ubuyobozi bw'Uturere bakomokamo ariko ugasanga ntibugire icyo bugize icyo bubikoraho.

Icyemezo cyo gufata bugwate abaturage babuze ubwishyu, Minisiteri y'Ubuzima yakunze kucyamaganira kure, kuko kinyuranyije n'amabwiriza yayo, yo kurengera uburenganzira bw'abarwayi cyangwa ababaha serivisi.

# U Rwanda rwatashye ku mugaragaro ambasade yarwo i Budapest

KAMALIZA Agnes

***Guverinoma y'u Rwanda yatashye ku mugaragaro icyicaro cya Ambasade y'u Rwanda i Budapest muri Hongiriya, yafunguwe mu mwaka wa 2024.***

Ni Ambasade yatashywe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Jean Patrick Olivier, ushimangira ko ari inyongera nziza cyane kuri za Ambasade z'u Rwanda mu bice bitandukanye ku Isi.

Minisitiri Amb. Nduhungirehe ari mu ruzinduko rw'iminsi ibiri muri Hongiriya, rugamije kurushaho kwimamaza umubano n'ubutwererane bw'ibihugu byombi.

Mu kiganiro n'abanyamakuru cyabereye i Budapest, Minisitiri Amb. Nduhungirehe yashimangiye ko u Rwanda ruha agaciro gakomeye ubutwererane rufitanye na Hongiriya.

Yagize ati: "U Rwanda ruha agaciro gakomeye umubano rufitanye na Hongiriya. Turashaka kuwugeza ku rundi rwego tureshya ishoramari ry'abikorera. (…) Twiteguye kubakira kuri iyo ntera mu kurushaho kwagura ubutwererane, ubucuruzi n'ishoramari, kongera intsinzi duhuriyeho haba ku bihugu n'abaturage babyo."

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubucuruzi wa Hongiriya Péter Szijjártó, yavuze ko u Rwanda ari kimwe mu bihugu bigira uruhare rukomeye mu kubungabunga amahoro n'umutekano muri Afurika, aho rufite abasirikare benshi mu butumwa bw'amahoro.

Yahamije ko umutekano w'Afurika ari uwabo, bityo biteguye gukorana n'u Rwanda muri urwo rwego.

Ati: "Umutekano w'Afurika ni uwacu kubera ko hatabayeho kubona umutekano n'imirimo, abantu bazahungira i Burayi. Njye na Minisitiri Nduhungirehe twaganiriye ku bijyanye n'ubwimukira, umutekano n'umubano ushingiye ku bukungu."



**Minisitiri Amb. Nduhungirehe (ibumoso) yagaragaje uburyo u Rwanda rwishimiye gufungura Ambasade muri Hongiriya**

Ambasade yatashywe ku mugaragaro ifasha mu kwimakaza umubano w'ibihugu byombi mu bucuruzi, ishoramari n'ubukerarugendo.

Ambasaderi w'u Rwanda muri Hongiriya ni Margueritte Francoise Nyagahura, washyikirije Perezida wa Hongiriya Dr. Tamás Sulyok inyandiko zimwemerera guhagararira u Rwanda ku wa 26 Werurwe 2024.

Ibihugu byombi bimaze kubaka umubano ushingiye ku bufatanye aho mu mwaka wa 2023, uwahoze ari Perezida wa Hongiriya Katalin Novák yasuye u Rwanda, bishimangira ubushake bwa politiki mu gukorana mu nzego zitandukanye zirimo uburezi, ibijyanye n'ingufu, amazi, ubucuruzi, n'umubano mu bya dipolomasi.

Urwo ruzinduko rwasize ibihugu byombi bisinyanye amasezerano arimo ay'uburezi, aho abanyeshuri b'Abanyarwanda bahawe amahirwe yo kwiga muri kaminuza zo muri icyo gihugu ndetse bemeranya guhana amahugurwa no gufashanya kubaka ubushobozi.

Hongiriya kandi yemeye gutanga inguzanyo ya miliyoni 52 z'amadolari y'Amerika mu rwego rwo kuvugurura uruganda rw'amazi rwa Karenge.

U Rwanda na Hongiriya kandi byasinyanye amasezerano yo koroshya ingendo kugira ngo imigenderanire mu bucuruzi n'ubukerarugendo ku mpande zombi byorohe.





# Nyaruguru: Ingabo zavuye abarwayi 6 300 indwara zitandukanye ku buntu

ZIGAMA Theoneste

***Kuva ku itariki ya 28 Mata 2025 kugeza ubu, Abasirikare n'abapolisi b'u Rwanda bamaze kuvura abaturage 6 300 indwara zitandukanye nta kiguzi batanze, ku bitaro bya Munini biherereye mu Karere ka Nyaruguru.***

Ni mu bikorwa byo gukemura ibabazo by'indwara zigurije abaturage bikora n'inzego z'umutekano z'u Rwanda byiswe (Defence and Security Citizen Outreach Programme 2025).

Iki gikorwa kiyobowe n'abaganga b'inzobere baturutse ku bitaro bikuru by'ingabo bya gisirikare bya Rwanda Military Referral and Teaching Hospital (RMRTH), cyabereye ku bitaro bya Munini gikurikiye ikindi cyamaze ukwezi cyabereye mu Karere ka Nyagatare mu Ntara y'Iburasirazuba.

RDF ivuga ko mu byumweru bitatu bishize, abarwayi bavuriwe ku bitaro bya Munini indwara zitandukanye zirimo iz'abagore (gynecologie), indwara zo



**Abaturage bashimira abasirikare n'abapolisi b'u Rwanda babavura indwara zitandukanye ku buntu**

mu mutwe, imvune n'ubuvuzi bw'amagufwa, kubagwa ibice bitandukanye by'umubiri, indwara z'amatwi, iz'amazuru n'umuhogo, ubuvuzi bw'amenyo, amaso, uruhu, ubuvuzi bw'indwara z'imbere mu mubiri, ndetse n'indwara z'abana.

Guhunda yo kwegera abaturage ikorwa n'Inzego z'Umutekano muri uyu mwaka wa 2025, yatangijwe ku itariki ya 17 Werurwe 2025, ikaba yaratanze ubuvuzi ku barwayi barenga 21 600 mu Turere twa Nyagatare na Nyaruguru.

Nyiranzeyimana Patricia, umurwayi wari ufite ikibazo cyo gusohoka kw'inkondo y'umura, yashimiye itsinda ry'abaganga b'ingabo z'u Rwanda (RDF), zamubaze bikamukura mu buribwe yari amaranye igihe kirekire.

Yagize ati: "Nari maze igihe kirekire mfite iyi ndwara ntarabona ubuvuzi bukwiriye. Nari nateguye kujya CHUB i Butare kubera ibibazo biherutse kumera nabi.

Naje kumva ko hari abaganga b'inzobere bavuye i Kanombe baje gutanga ubuvuzi bw'ubuntu hano. Naje ku bitaro bya Munini, ndabagwa, ubu ndimo gukira kandi ntegereje gusubira mu rugo. Ndabashimira ku bw'ubu bufasha."

Dr. Valence Murengezi, Umuyobozi w'Ibitaro bya Munini, yashimangiye akamaro k'iyi gahunda, avuga ko umubare w'abarwayi bavuwe wazamutse cyane bitewe n'ubufasha bw'abaganga b'inzobere baturutse ku Bitaro bya Gisirikare bya Kanombe (RMRTH).

Yagize ati: "Mbere twajyanaga abarwayi bafite ibibazo bikomeye muri CHUB cyangwa ahandi mu bitaro bikuru. Ubu kubera ko inzobere zabonetse hano, indwara nyinshi ziravurirwa aha. Nk'uko mubibona, abantu benshi baraza kuko serivisi zibegereye kandi ni ubuntu. Mbere yo kubona ubuvuzi bwihariye byari bigoye kubera ubushobozi buke. Iyi ni intambwe ikomeye."

Dr. Lt Col (Rtd) Jean Nepomuscène Murindabyuma, uyobora itsinda ry'abaganga b'Ingabo z'u Rwanda, yavuze ko n'ubwo bari bateganyije gukora iminsi itatu y'icyumweru, ariko ubwinshi bw'abarwayi bageraga hagati ya 600 na 800 buri munsi bwatumye bongeraho ikindi cyumweru.

Yagize ati: "Kubera ubusabe bwinshi, ubuyobozi bwafashe icyemezo cyo kongeraho ikindi cyumweru mbere yo gukomereza mu kandi karere, kugira ngo abakeneye ubuvuzi bose babone uko bitabwaho."

RDF yatangaje ko mu gihe u Rwanda rwitegura kwizihiza, Umunsi Mukuru wo Kwibohora ku nshuro ya 31 (Kwibohora31), iyi gahunda ari igihamya cy'ubwitange mu guteza imbere ubuzima n'imibereho myiza y'Abanyarwanda.

# Abadipolomate bavuze imyato umusaruro wa VUP mu Rwanda

MUTETERAZINA Shifah

***Abadipolomate bahagarariye Ubwami bw'u Bwongereza (UK), u Budage na Suwede bavuze imyato Gahunda ya Vision 2020 Umurenge Program (VUP) nyuma yo kwihera uburyo yafashije abaturage kwikura mu bukene.***

Abo Badipolomate babigarutseho nyuma yo gusura abagenerwabikorwa ba VUP mu Mirenge ya Miyove na Kageyo mu Karere ka Gicumbi, barishimira ko iyo gahunda yabahinduriye ubuzima kandi ikanafasha mu iterambere ry'icyaro batuyemo.

Muri urwo ruzinduko rwabaye ku wa Gatatu tariko ya 14 Gicurasi, iryo tsinda ryahawe ubuhamya bw'abaturage bakomeje kwiteza imbere binyuze muri VUP, basura ibikorwa by'iterambere birimo imihanda n'amaterasi n'ibindi bikorwa by'iterambere.

Bagaragarijwe kandi uburyo inkunga y'ingoboka ihabwa abasheshe akanguhe ibafasha kunoza imibereho yabo, banasura Ishuri ry'Ubumenyi ngiro rya Kageyo (Kageyo VTC) ryigisha imyuga abana baturutse mu miryango itishoboye.



**Abadipolomate bashimye uburyo gahunda ya VUP yahinduye ubuzima bw'abagenerwabikorwa**

Umwe muri abo bagenerwabikorwa witwa Musabyemariya Josephine wo Murenge wa Miyove, yavuze ko ubuzima bwabo mbere yo gutangira ibikorwa bya VUP bwari habi, ariko ubu ngo abasha kwikemurira ibibazo by'ubuzima.

Yagize ati: "Kurya byari ikibazo, abana batiga, mbega byose byari ibibazo ariko kugeza ubu kubera nabonye VUP nkora mparanira kwigira, ndizigama ubu mfite intama, kandi n'abana barimo kwiga mbatezeho umusaruro."

Mugabarigira Jean Claude na we avuga ko urugo rwe rwari mu zikennye, ariko nyuma yo kujya muri VUP yashoboye no kwiyubakira inzu, ubuzima burahinduka.

Ati: "Ntaraza muri VUP nari umukene pe no kurihira ishuri abana byari ikibazo. Amafaranga bampembye muri VUP nyishyura Mituweli nkasagura ayo nkemuza utundi tubazo mu rugo, kandi nashoboye kubakamo inzu ifite agaciro ka miliyoni y'amafaranga y'u Rwanda."

Aba baturage bashimira imiyoborere myiza irangajwe imbere na Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yashyizeho gahunda nzahurabukungu zifasha abari abakene kujyana n'abandi mu rugendo rw'iterambere.

Anna Wilson, Umuyobozi ushinzwe Iterambere muri Ambasade ya UK mu Rwanda akaba yari ahagarariye Ambasaderi w'u Bwongereza mu Rwanda, yahamije ko banyuzwe n'imikoreshereze y'amafaranga atangwa muri VUP kuko umusaruro wabyo ugaragarira mu bagenerwabikorwa.

Yagize ati: "Ndagira ngo nshimire Ikigo gishinzwe Guteza Imbere ibikorwa by'Iterambere mu Nzego z'Ibanze (LODA) cyayoboye neza ibikorwa bya Gahunda ya VUP. Tunejejwe no kuba umwe mu bafatanyabikorwa b'iyi gahunda."

Umuyobozi Mukuru wa LODA Nyinawagaga Claudine, yashimangiye ko umusaruro wa VUP wigaragaza cyane ko ubushakashatsi buheruka bwakozwe ku mibereho y'ingo (EICV7) bwerekana ko u Rwanda rwagabanyije ubukene ku kigero cya 12%.

Ibyo bivuze ko abaturage basaga miliyoni 1.5 bavuye mu bukene guhera mu 2017, Gahunda ya VUP ikaba yarabigizemk uruhare rukomeye.

Madamu Nyinawagaga yagize ati: "Abagenerwabikorwa ntibanezerewe gusa ahubwo biyemeje gukomeza kwikura mu bukene no gufasha abandi kubuvamo."

Imibare ya LODA igaragaraza ko buri mwaka VUP ifasha abagera kuri miliyoni y'abaturage bari munsi y'umurongo w'ubukene mu Rwanda.

# Ngororero: Bubakiwe Isoko ry'amatungo magufi rya miliyoni 70 Frw

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abacuruzi b'amatungo magufi mu Murenge wa Kabaya, Akarere ka Ngororero, baravuga imyato isoko ry'amatungo magufi rya Ngororero bubakiwe ryuzuye ritwaye miliyoni zisaga 70 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Bavuga ko iryo soko ryabakijije byinshi kuko mu gihe ritari ryakubatswe, amatungo yabo yabacikaga akajya konera abaturage, ndetse n'andi akajya muri kaburimbo akaba yateza impanuka.

Ni isoko rubatswe mu mwaka wa 2022 ku nkunga y'umushinga PRISM uteza imbere ubworozi bw'amatungo magufi, ku bufatanye n'Akarere ka Ngororero.

Bararwerekana Philippe, umwe mu bacuruzi b'amatungo magufi, yagize ati: "Iri soko ryaradutabaye cyane, ubundi amatungo yaraducikaga akajya mu myaka y'abaturage hano. Ugasanga turahora mu makimbirane, ubundi amatungo yacu urabona ko riri neza neza ku muhanda akirohamo ugasanga amwe barayagonze ubu rero isoko rirazitiye nta kibazo."

Kabasinga Julienne ni umucuruzi w'inkoko muri iri soko rya Ngororero, avuga kubaka isoko byahinduye imibereho yabo.

Yagize ati: "Kuri ubu isoko bararizitiye amatungo ntagisohoka uko yiboneye, ikindi kiza cyane ni uko tutakinyagirwa kuko rirasakariye, iyo imvura iguye turugama ryari rikenewe kuko hari bamwe bajyaga bahaburira amatungo yabo kuko hari ubwo ihene yagucikaga wayikurikira ugasanga bamwe mucuruza hamwe batari inyangamugayo itungo ryawe baryibye."



**Abarema n'abacururiza mu isoko ry'amatungo magufi rya Kabaya bavuga ko ryabafashije gucuruza bafite umutekano w'amatungo yabo**

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Ngororero ushinzwe iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage Mukunduhirwe Benjamine, na we ashimangira ko iryo soko riri mu byari bikenewe ku bacuruzi b'amatungo magufi.

Yagize ati: "Ririya soko ry'amatungo rya Ngororero riri mu Murenge wa Kabaya, ryubatswe ku bufanye n'Umushinga PRISM, Akarere katanze ubutaka bwo kubakaho PRISM iraryubaka. Ryari rikenewe cyane kuko ubu bacuriza mu mutekano usesuye kandi n'amatungo yabo arabungwabungwa, byatumye hinjira umusoro, ikindi ni uko batagikora ingendo ndende bajya mu masoko y'amatungo kure."

Umushinga PRISM uterwa inkunga n'Ikigega Mpuzamahanga giteza imbere ubuhinzi n'ubworozi (IFAD), ukaba waragizwemo uruhare na Leta y'u Rwanda binyuze muri Minisiteri y'ubuhinzi n'Ubworozi, ugashyirwa mu bikorwa n'Ikigo cy'Igihugu giteza imbere ubuhinzi n'ubworozi (RAB).

Mu Karere ka Ngororero, umushinga PRISM wubatse isoko ry'amatungo, ivuriro ry'amatungo magufi, ibagiro ry'ingurube n'ibindi ukaba waratanze inkoko 17 770 ku miryango 1 777, ingurube 664 ku miryango 453, ihene 1 332 ku miryango 666, hatanzwe ibigega bifata amazi ku nzu, imirasire n'ibindi.

# Imihanda y'Umujyi wa Nyagatare yuzuye itwaye miliyari 18 Frw

**HITIMANA Servand**

***Abatuye mu Mujyi wa Nyagatare, Akarere ka Nyagatare, bishimira ko imihanda ireshya na kilometero 25.5 yubatswe mu Mujyi wa Nyagatare yatwaye miliyari zisaga 18 z'amafaranga y'u Rwanda yaborohereje imibereho n'imikorere, n'isura y'umujyi irushaho kuba nziza.***

Bavuga ko batangazwa n'iterambere ribageraho ririmo gukorerwa imihanda ya kaburimbo ihuza za karitsiye, aho yageze hose ubutaka bwabo bukaba bwarongereye agaciro ku buryo bufatika.

Twagira Innocent wo mu Murenge wa Nyagatare, avuga ko mbere y'uko imihanda itunganywa, hari aho abantu batinyaga gutura kubera ko kuhagera byari ingorabahizi.

Twagira ati: "Ibibanza nta gaciro byari bifite, imihanda na yo yari mibi cyane maze abantu bagatinya kuzanamo ibinyabiziga byabo ngo bitahangirikira bigatuma bahora mu igaraje. Ubu hari itandukaniro rinini; imodoka zariyongereye, abantu barahimukira n'abashoramari baza ari benshi."



**Imihanda ya kaburimbo yahinduye isura y'umujyi wa Nyagatare**

Akomeza avuga ko mu myaka ya za 1995 kuzamura, Nyagatare yari ifite agakaburimbo kamwe kameze nabi gaturuka i Ryabega kakagera kuri Rompuwe (rond-point) yo mu Mujyi wa Nyagatare.

Ati "Nyagatare yagerwagamo n'agakaburimbo gato bashamikiye ku muhanda munini wa Ryabega-Kagitumba kagarukiraga hariya haruguru y'Umuvumba. Ubu abaturage turishimira iterambere rigaragara mu bwiyongere bw'ibinyabiziga, inzu z'ubucuruzi ndetse n'imiturirwa, aho isura y'umujyi yahindutse ku buryo bugaragarira buri wese".

Uwitwa Kansiime na we avuga ko amaze igihe kinini atuye muri uyu mujyi, ubu akaba ari bwo atangiye kubona abantu babyaza umusaruro inzu zo mu Mujyi wa Ntagatare.

Ati: "Inzu zakodeshwaga amafaranga 15.000 mu myaka 30 ishize ubu ziri gukodeshwa 200.000, bitewe n'aho ziherereye. Ibi bigaragaza uburyo iterambere ry'imihanda ryahinduye ubukungu bw'abaturage mu Mujyi n'iry'Akarere muri rusange."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Gasana Stephen, ashimangira ko imihanda yahinduye isura nshya Umujyi n'Akarere mu buryo bugaragara.

Ati: "Icyo iyi mihanda dufite mu mujyi wa Nyagatare yahinduye ni uko twari dufite ahantu hadatuwe, none ubu abantu bafite inyota yo kuhatura no kuhubaka inzu z'ubucuruzi ndetse n'imiturirwa. Ku buryo bigenda bikurura n'abatuye mu yindi mirenge n'utundi Turere kuza muri Nyagatare."

Yongeraho ko uretse imihanda, hari n'ibindi bikorwa remezo by'ingenzi byatangiye kubakwa cyangwa se byarangiye nk'ikibuga cyiza cy'umupira w'amaguru, ikigo cy'urubyiruko cyuzuye kigezweho, amashanyarazi amurikira imihanda n'ibindi bikorwa remezo, byose bikaba biri mu guharanira iterambere ry'Umujyi.

Imihanda yubakwa muri uyu Mujyi wa Nyagatare imaze gutwara ingengo y'imari ya miliyari 18 na miliyoni 613 z'amafaranga y'u Rwanda mu mushinga wo guteza imbere imijyi yunganira Kigali.

Umujyi wa Nyagatare, ukomeje kwaguka mu bikorwa remezo, uretse iyo mihanda abakozi b'Akarere barimo gukorera mu nyubako nshya ijyanye n'igihe.







**Aba ni bamwe mu Banyarwanda bari barafashwe bugwate na FDLR batangiye kugaruka mu Rwanda**

# Rubavu: Abanyarwanda 360 mu bari barafashwe bugwate na FDLR batangiye gutaha

**KWIZERA Jean de Dieu**

***Ku wa 17 Gicurasi 2025 ku mupaka munini uhuza u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), hatangiye kunyuzwa Abanyarwanda bari barafashwe bugwate na FDLR umutwe w'Inyeshyambaga wasize ukoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Ni igikorwa cyabaye mu masaha ya mu gitondo aho abagera kuri 360 ari bo bambutse ku ikubitiro gusa abarenga 2 000 akaba ari bo biteganyijwe ko bazatahuka.

Mu batahutse harimo; abagore, abagabo, abasore ndetse n'abana.

Babanzaga kubasaka bakambuka hanyuma bagashyirwa mu modoka zigomba kubajyana aho bakirirwa i Kijote mu Karere ka Rubavu aho bari gutaha binyuze mu bufatanye bwa CHR yo mu Rwanda n'iyo muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu Mulindwa Prosper yabwiye Imvaho Nshya ko hamaze kwakirwa Abanyarwanda 360 ndetse n'abasigaye bakazakirwa ku bufatanye na Minisiteri y'Ibikorwa by'Ubutabazi MINEMA n'izindi nzego za Leta.

Yagize ati: "Ni Abanyarwanda bari gutaha ntabwo ari impunzi, ubu hamaze gutaha 360 ariko ni bo bari bategerejwe uyu munsi, hasigayeyo abandi barenga 2 000 ntabwo bajya mu nkambi ahubwo barategurirwa gutaha iwabo babanje kunyura mu kigo cya Kijote kugira ngo bategurwe bahabwe n'inkunga ibinjiza mu miryango yabo."

Mulindwa yavuze kandi ko Abanyarwanda bafite uburenganzira ku Gihugu cyabo, bityo ko uwaba ashaka gutaha wese, ahawe uburenganzira, cyane ko ngo niyo yaba atazi inkomoko ye afashwa gushaka abo baba bafitanye isano ndetse bagafashwa.

Yagize ati: "Igihe umuntu aziko ari Umunyarwanda araza tukamwakira agatanga amakuru kuko Umunyarwanda yemerewe gutura aho ari ho hose mu Gihugu, kuvuga ngo ntabwo azi iwabo nta cyo bivuze. Ikibaho ni ugufatanya n'inzego gushaka amakuru kuko iwabo aba ari mu Rwanda kandi iyo yahageze aba yemerewe gutura aho yahisemo."

Bamwe mu bari gutaha bavuga ko bari barahumwe amaso n'inyigisho za FDLR zababwiraga ko batashye bagirirwa nabi bigatuma badataha iwabo.

Kugeza ubu ntabwo hari hamenyekana igihe ikindi cyiciro cyambukira gusa Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu yabwiye Imvaho Nshya ko bizagenda bimenyekana.

# Rutsiro: Ingurube zisaga 5000 zirakingirwa indwara ya Muryamo

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Kuri uyu wa 15 Gicurasi 2025, mu Murenge wa Kivumu, Akarere ka Rutsiro mu Ntara y'Uburengerazuba, hatangirijwe ku rwego rw'igihugu ubukangurambaga bwo kumenyekanisha gahunda yo gukingira 'ingurube urukingo rw'indwara ya Muryamo izwi nka Rouget.***

Biteganyijwe mu Karere ka Rutsiro hazakingirwa ingurube zisaga 5.000 muri iki gikorwa cyatangijwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB) ku bufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (FAO).

Umuyobozi ushinzwe Ishami ry'ubworozi muri RAB Dr. Ndayisenga Fabrice, avuga ko ingurube ziri muri gahunda y'ubwoko bw'amatungo Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ishishikariza Abanyarwanda korora kugira ngo bivane mu bukene hazamurwe n'ingano y'imyama zikenerwa mu Gihugu.

Akomeza avuga ko bakoze isesengura bagasanga hari uburwayi bwa Muryamo bwibasira ubworozi bw'ingurube aho ku mwaka hapfa asaga 15.000 bikadindiza iterambere ry'ubu bworozi.

Dr. Ndayisenga agira ati: "Indwara ya Muryamo mu ngurube yabayeho kuva kera aborozi bakajya bataka bavuga ko bavura ingurube zikanga zigapfa bakatubaza icyo twabafasha."

Akomeza avuga ko a mu myaka itatu ishize bazanye urukingo rurinda ingurube kurwara Muryamo, hakaba harashyizwe imbaraga mu kugira ngo aborozi barumenye.



**Veterineri ari gukingira ingurube indwara ya muryamo**

Agira ati: "Turashishikariza aborozi b'ingurube ukumenya ko runo rukingo ruhari. Mbere twari mu ngamba zo kuvura ariko zigapfa, bavuga ngo urukingo ruzabageraho ryari ubu turagira ngo tubamenyeshe ko urukingo ruhari."

Avuga ko urwo rukingo ruterwa ingurube zigeze igihe cyo kubangurirwa no kubyara, urushaka aho yaba ari mu gihugu arutumiza muri RAB rukamugezaho, cyangwa akanyura kuri veterineri wo ku Murenge akarumuzanira.

Dr. Ndayisenga yongeraho ko n'utudege tutagira abapilote tuzwi nka drone dusanzwe tujya amaraso kwamuganga, twifashishwa mu gukwirakwiza izo nkingo rwongera ubudahangarwa bw'umubiri w'ingurube kuri iyi ndwara izibasira cyane.

Munguamurinde Marigarita ukorera ubworozi bw'ingurube mu Murenge wa Kivumu, Akarere aka Rutsiro, avuga ko indwara ya Muryamo ari icyorezo kuko iyo igeze mu bworozi bw'ingurube zose zishira.

Aragira Ati: "Kuboneka k'ururu rukingo rwose ibi bintu byaradushimishije nk'aborozi b'ingurube, iyo ndwara iyo igeze mu ngurube irazica ikazimaraho, tugize amahirwe kuko nkubu badukingiriye amatungo yacu ntabwo zishobora kurwara."

Akomeza avuga ko bigeye gufasha amatungo yabo kororoka umusaruro ukiyongera.

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Rutsiro ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Emmanuel Uwizeyimana, avuga ko muri aka Karere habarurwa ubworozi bw'ingurube zirenga 25.300.

Yahamije ko iki gikorwa cyo gukingira ingurube ari inyungu ikomeye cyane ku iterambere ry'ubu bworozi mu Karere, ashishikariza aborozi gushyira imbaraga mu gufata neza ayo matungo atanga umusaruro.

# Abagore b'i Kamonyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside bahinduye ubutabera mpuzamahanga

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Guverinoma y'u Rwanda yashimiye abagore n'abakobwa bo mu Karere ka Kamonyi bagize uruhare mu gushyiraho amategeko mpuzamahanga ahana abasambanya abagore n'abakobwa muri Jenoside kubera ubuhamya batanze bw'uko bafashwe ku ngufu mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Minisitiri mu Biro bya Minisitiri w'Intebe ushinzwe imirimo y'Inama y'Abaminisitiri, Inès Mpambara, yabikomojeho ku Cyumweru tariki ya 11 Gicurasi 2025, ubwo mu Karere ka Kamonyi abereye imboni bibukaga kunshuro ya 31 Jenoside ya korewe abatutsi mu 1994.

Ni igikorwa cyabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kibuza rushyinguyemo imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi 47 933.

Minisitiri Ines Mpambara yavuze ko ubuhamya bwatanzwe n'abapfakazi ba Jenoside bo mu Karere ka Kanonyi bwagize uruhare mu gushyiraho amategeko mpuzamahanga ahana icyaha cyo gufata ku ngufu abagore n'abakobwa mu gihe cya Jenoside.

Ati: "Muri kino gihe twibuka muri Kamonyi munyemerere dushime. Turashima cyane nk'Abanyarwanda uruhare abacitse ku icumu bo mu Karere ka Kamonyi mwagize mu gufasha ubutabera mpuzamahanga kuzuza inshingano za bwo."

Yakomeje avuga ko mu kwezi k'Ugushyingo mu 1994, Umuryango w'Abibumbye umaze gushyiraho Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (ICTR) i Arusha muri Tanzania, umuntu wa mbere wakurikiranwe n'urwo rukiko ari Akayesu Jean Paul wari Burugumesitiri w'iyari ari Komini Taba ubu ni mu Karere ka Kamonyi.

Ati: "Dushima abagore n'abakobwa bakorewe ibya mfura mbi muri Jenoside, by'umwihariko abagore bo muri SEVOTA mwatinyutse mukishyira hamwe mu kajya imbere y'urukiko gutanga ubuhamya bwerekama ubugome ndengakamere mwakorewe. Uko kuri kwaratsinze bituma icyaha cyo gusambanya abagore n'abakobwa ku gahato gihama Jean Paul Akayesu akatirwa igifungo cya burundu."

Minisitiri Mme Mpambara yavuze ko byatumye kandi icyaha cyo gusambanya abagore n'abakobwa ku gahato muri Jenoside cyinjizwa bwa mbere mu mateka y'Isi mu byaha mpuzamahanga.

Ati: "Iyi ntambwe ikomeye mwagezeho turayibashimira nk'Igihugu, ni umusanzu ukomeye mwahaye ubutabera, Madamu Godelième Mukasarasi n'abandi mwafatanyije uru rugamba turabashima kandi turabakomeza."

Mukasarasi Godelième washinze Umuryango SEVOTA akaba ari mu batinyutse gutanga ubuhamya bw'ihohoterwa bakorewe muri Jenoside yakorewe Abatusi, avuga ko urugendo rwo kubohoka yarutangiye nyuma yo kubonekerwa ari mu kiliziya y'i Rukoma, akabona amashusho y'abagore n'abana babaye hakurikiraho amashusho yabo bishimye.

Nyuma y'iryo bonekerwa ni bwo yanditse ijambo SEVOTA rihuriyemo amagambo y'Igifaransa asobanuye guhumuriza Abapfakazi n'impfubyi.

Akomeza avuga ko urugamba rwo guharanira uburenganzira bw'abagore bafashwe ku ngufu yahereye ku buvugizi bwo koro-



Mukasarasi Godelieve umwe mu bagize uruhare mu gufasha ubutabera guhana abafashe ku ngufu abagore n'abakobwa muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

shya icyaha cyo gufata ku ngufu abagore muri Jenoside.

Mu mwaka wa 1996 ni bwo Leta y'u Rwanda hasohotse itegeko rigaragamo ingingo zihana ibyaha bya Jenoside, abafashe ku ngufu abagore n'abakobwa bashyirwa mu cyiciro cy'abangije imyaka cyangwa abasahuye imitungo.

Agira at: "Iryo tegeko bari bakoze ryayi n'ingingo enye zihana abakoze ibyaha bijyanye na Jenoside, hari harimo ingingo ihana abateguye Jenoside n'abayishyize mu bikorwa, hari harimo kandi ingingo ihana abangije imyaka n'abafashe abagore ku ngufu muri Jenoside."

Madamu Mukasarasi avuga ko icyamubabaje ari uko abafashe abagore ku ngufu bari babashyize mu cyikiro kimwe n'abahanirwa icya cyo kwangiza imyaka no gusahura imitungo.

Akomeza avuga ko abafashe ku ngufu abagore n'abakobwa muri Jenoside, bari babashyize mu cyiciro kimwe n'abari bakurikiranweho icyaha cyo gusahura amasuka, ibitebo, abajyanye ibishyimbo, ibiringiti, mbese ibintu birimo n'ibikoresho.

At: "Bivuga ko umugore mu Rwanda wafashwe ku ngufu agasambanywa n'Interahamwe zaba icumi zaba makumyabiri zaba zingahe akanduzwa SIDA, uwamufashe ku ngufu akamutera inda akabyara n'umwana, ubwo uwo muntu yagombaga guhanwa kimwe n'uwajyanye isuka."

Madamu Mukasarasi avuga ko ariho ikibazo cyari kiri. Ati: "Itegeko bari barimo bigaho ryari ritarasohoka ni ko ryari rimeze, bavuga ko ubwo umugore bari bamufashe nk'igikoresho. Ubwo rero hari umugore wari warafashwe ku ngufu muri Jenoside anaterwa inda wabyumvise njye sinari nabyumvishe ariko akaba n'umunyamuryango wa SEVOTA, yari uw'iwacu ku Murehe muri Kamonyi."

Uwo mugore yaraje amubwira ibyo iryo tegeko yumvise yumva biramurenze, azinduka ajya kubwira abagore babaga i Kigali kumufasha mu buvugizi.

Muri abo bagore yashatse harimo Nzamabazamariya Veneranda wari impirimbanyi mu guharanira uburenganzira bw'abagore, Marie Immaculée Ingabire wari umunyamakuru akaba ayobora Umuryango TI Rwanda uyu munsi n'abandi.

Agira ati: "Mbibabwiye bumvise ko icyo kintu gikabije, rero bajya gushaka abagore bari abadepitekazi hanyuma babumvisha ko ibyo bintu bidakwiye mu Rwanda aho umugore yasuzuguwe agafatwa ku ngufu, agafatwa n'abasaza, agafata n'abana agafatwa n'abasirikare, agaterwa inda agaterwa virusi itera SIDA."

Abagore b'Abadepite na bo bumvishe bidakwiye biba ngombwa ko babigeza mu Nteko Ishinga Amategeko, hasohoka itegeko rihana umuntu wafashe ku ngufu umugore n'umukobwa kimwe n'uwakoze icyaha cyo gutegura Jenoside no kuyishyira mu bikorwa.

Ati: "Icyo gihe twarabyinnye turishima tuti harakabaho Leta y'u Rwanda, harakabaho Abadepite b'u Rwanda, ariko ubwo urumva ni ab'i Taba byaturutseho. Ubwo byarakomeje haba ko abagore bajya gutanga ubuhamya mu Rukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (ICTR), abantu bagiyeyo bwa mbere ni abagore bo muri SEVOTA bo muri Taba n'abandi batari muri SEVOTA."

Icyo gihe ngo abacamanza babanje kurushya abo bagore, ariko birangira batsinze urwo rubanza kuko abo bagore bari bahagarariye abandi bo mu Rwanda bafashwe ku ngufu muri Jenoside, Akayesu Jean Paul ahanishwa gufungwa burundu.

Nyuma yo gutsinda urwo rubanza Umuryango w'Abibumbye na wo wemeje icyaha cyo gufata ku ngufu nk'icyaha cya Jenoside cyibasiye inyoko muntu.





# Burera: Yahawe inkoko 10 zikuba 3 mu mezi 3

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Nzabahimbya Euphrem utuye mu Kagari ka Nyagahinga, Umurenge wa Cyanika mu Karere ka Burera arabyinira ku rukoma kubera uburyo inkoko yorojwe zamubyariye umusaruro utangaje zikikuba gatatu mu mezi atatu.***

Izo nkoko yazihawe mu mushinga PRISM uterwa inkunga n'Ikigega Mpuzamahanga giteza imbere ubuhinzi n'ubworozi (IFAD), wagizwemo uruhare na Leta y' u Rwanda mu Turere 15.

Nzabahimbya nk'umwe mu bagenerwabikorwa b'uwo mushinga muri 'Gahunda y'inkoko 10 ku muryango', akaba yishimira koi zo yahawe zikomeje kumufasha kwiteza imbere.

Mu kiganiro n'Imvaho Nshya, uyu mugabo yahamije ko inkoko yahawe yazitayeho akazigurisha, bituma agura izindi kuri ubu zimaze kugera kuri 30.

Ati: "Ubu amagi ndayabona ngakuramo amafaranga, nakubwira ko ngereranije umushara ntiwabura kugera ku bihumbi 80 by'amafaranga y'u Rwanda ku kwezi."

Nzabahambya akomeza akomeza ahamya ko mu cyumweru aba ashobora guturagisha amagi atari munsi ya 300 ku buryo abibonamo inyungu ihagije, ikaba n'isoko y'amafaranga yinjira buri kwezi.

Ati: "Ubworozi bw'inkoko ni umushinga mwiza wafasha nyirawo kwihangira umurimo, ndashima PRISM yatumye tumenya ibi."



Nzabahimbya yavuye ku-nkoko 10 ageze kuri 30 mu gihe cy'amezi 3

Semwogere Paul Umukuru w'Umudugudu wa Nzabahambya atuyemo na we ahamya ko gahunda y'inkoko 10 yahinduye imibereho n'imyumvire y'abaturage.

Yagize ati: "Gahunda y'inkoko 10 kugeza ubu yatumye abaturage ba hano bafunguka mu mutwe. Ibi byatumye n'abatazihawe babigiraho none ubu nta rugo utasangamo inkoko, ntabwo tucyirirwa twibutsa umuturage gutanga Mitiweli kuko amafaranga asigaye abona aho ayakura byoroshye."

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Burera ushinzwe iterambere ry'ubukungu Nshimiyimana Jean Baptiste, yagaragaje ko umushinga PRISM ufitiye akamaro gakomeye abaturage b'ako Karere, binyuze mu kubashyigikira mu bworozi bw'amatungo magufi.

Yagize ati: "Kugeza ubu umuturage wacu ibintu by'ubworozi yumva byamuzamura, ibi kandi byatumye ikibazo cy'imirire mibi yari hejuru kimanuka kuko umuturage abona amagi, akariha umwana akarikuramo amafaranga, ku buryo ubu na bo bageze ku rwego rwo kwibumbira mu makoperative y'aborozi b'inkoko".

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB) buvuga ko umushinga PRISM mu Karere ka Burera wagize uruhare mu bikorwa by'imibereho myiza n'ibikorwa remezo harimo kubakirwa ibagiro ry'ingurube, ivuriro ry'amatungo, isoko rya kijyambere n'ibindi.

# Rutsiro: Yafatiwe i Kigali nyuma yo gukubita se bikamuviramo urupfu

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Tuyisenge Valens w'imyaka 22, ukomoka mu Kagari ka Gisiza, Umurenge wa Musasa, Akarere ka Rutsiro, yatawe muri yombi ageze i Nyabugogo mu Mujyi wa Kigali akekwaho gukubita se amusanze mu kabari bikamuviramo gupfa.***




Uyu musore ni mwene Hitimana Elias w'imyaka 64 ari na we yakubitishije igiti cy'umushingiriro mu mutwe bikamuviramo urupfu amusanze mu kabari ahagana saa munani z'ijoro.

Umuturanyi wabo, wahaye Imvaho Nshya aya makuru yavuze ko ubwo banyweraga muri aka kabari, bombi basinze bikabije bakaza gushyamirana bazanamo iby'amakimbirane basanganywe iwabo mu rugo ashingiye ku mitungo.

Ati: "Bagishyamirana mu ma saa munani z'igicuku zishyira ku wa 15 Gicurasi, umusore yasohotse ashikuza umushingiriro bakoresha bashingirira ibishyimbo mu murima, arawuzana awukubita umusaza mu mutwe ku gice cy'umusaya, aramukomeretsa."

Uwo musore ngo yahise acika, umusaza we akurwa ku kabari ajyanwa ku Bitaro bya Murunda bamuha ubutabazi bw'ibanze, ashiramo umwuka ubwo biteguraga kumwohereza mu Bitaro Bikuru bya Kaminuza bya Kigali (CHUK).

Undi muturanyi w'uyu muryango, yabwiye Imvaho Nshya ko uyu musaza yahoraga akimbirana n'umugore we, abana barimo uwamukubise bakajya ku ruhande rwa nyina bakarwanya se.

Ati: "Ibyo kumukubita no kumukomeretsa kuriya ni bwo byari bibaye none ahise anamwica. Bakimbiranaga gusa ariko natwe twababajwe cyane n'ubwo businzi bukabije bwamuteye kumwica."

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Rutsiro ushinzwe iterambere ry'ubukungu Uwizeyimana Emmanuel, yabwiye Imvaho Nshya ko amakuru ubuyobozi bwayamenye mu ma saa cyenda z'igicuku umusaza yagejejwe ku Bitaro bya Murunda.

Yavuze ko na bo baje kumenya ko uwo mugabo yapfuye n'umuhungu we akaza gucika, ati: "Uwo musore wari wiriwe ashakishwa, amaze gufatirwa i Nyabugogo mu Mujyi wa Kigali n'inzego z'umutekano. Umurambo wa nyakwigendera uracyari mu Bitaro bya Murunda."

Yavuze ko uwo musaza ari na we nyiri akabari karengeje amasaha yo gufungurwa, ari na ho hakorewe ibyo byaha, ahamya ko n'ubundi yari guhanirwa iryo kosa ryo kurenga ku mabwiriza yashyizweho.

Ati: "Hari amabwiriza asanzwe asaba abacururuza utubari kudufungura bitarenze saa cyenda z'amanywa, umuturage wakerereje anywa ntarenze zaa mbiri z'ijoro bitewe n'uko hano ari mu cyaro."

Yakomeje ati "Kuba bari barengeje ayo masaha ubwabyo birahanirwa. Kugerekaho rero urugomo nka ruriya rugeza aho umwana yambura se ubuzima bombi banasinze cyane ni ikibazo gikomeye."

Yavuze ko ubuyobozi bw'Akarere ka Rutsiro bugiye kurushaho gukaza ingamba bwari busanganywe zo guca ingeso z'urugomo ruturuka ku businzi bukabije.

Yahamije ko bagiye gushyira imbaraga mu guhana bihanukiriye abarenga kuri ayi mabwiriza.

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'URWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA NGOMA
UMURENGE WA RURENGE
Email: rurengesec@ngoma.gov.rw

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO MU MURENGE WA RURENGE**

UBUYOBOZI BW'UMURENGE WA RURENGE BURAMENYESHA BA RWIYEMEZAMILIMO BABYIFUZA KANDI BABIFITIYE UBUSHIOBOZI KO BUSHAKA GUTANGA ISOKO RIKURIKIRA:

| N0 | NOMERO Y'ISOKO. | IZINA RY'ISOKO | IGIHE NTARENGWA CYO GUTANGA IBICIRO | IGIHE AMABAHASHA AZAFUNGURI RWA | AHO FRW AZAVA | IGICIRO CYO KUGURA IGITABO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | 01/F/N/2024-2025/RURENGE | KUGEMURA IBIKORESHO BYO KUBAKA INKUTA ZIFATA IMIKINGO MU KIGO K'ISHURI RYA EP RUJAMABARA (*Amabuye, imicanga n'ibikoresho bya quincaillerie*) | 23/05/2025 Isaa ine n'igice (10H30) | 23/05/2025 Isaa tanu (11H) | AKARERE KA NGOMA | 10.000 Frw |

ABIFUZA GUPIGANIRA IRI SOKO BASHOBORA KUBONA IGITABO GIKUBIYEMO AMABWIRIZA AGENGA IPIGANWA, MU BIRO BY'UBUNYAMABANGA BW'UMURENGE WA RURENGE, GUHERA TARIKI YA **13/05/2025**, BAMAZE KWISHYURA AMAFARANGA ADASUBIZWA YAVUZWE HARUGURU, ASHYIZWE KURI KONTI **№ 4413522478** UMURENGE WA RURENGE, IRI MURI BANKI Y'ABATURAGE.

AMABAHASHA AFUNZE NEZA ARIMO IBITABO BY'ABAPIGANWA AGOMBA KUGEZWA MU BIRO BY'UBUNYAMABANGA BW'UMURENGE WA RURENGE, BITARENZE KUWA **23/05/2025** I SAA YINE N'IGICE ZA MUGITONDO (**10H30'**) AKAZAFUNGURWA MU RUHAME KURI UWO MUNSI I SAA TANU (**11H00'**) MU CYUMBA CY'INAMA CY'UMURENGE WA RURENGE.

**BIKOREWE I RURENGE, KUWA 12/05/2025**

**NIYIGENA Alexis**
**Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Umurenge wa RURENGE**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**YOUNG WOMEN'S CHRISTIAN ASSOCIATION OF RWANDA (YWCA)**
*"Transforming community, empowering women"*

**TENDER NOTICE**

YWCA Rwanda is a Rwandan non-governmental organization established in 1995 and legally recognized by the government in 2005. YWCA strives for community transformation through the empowerment of women, girls, orphans, and vulnerable children by promoting access to quality education, healthcare, and socio-economic opportunities. For more information, please visit: https://ywcaofrwanda.org/. Under LIFT Program, YWCA invites local suppliers to bid for the opportunity to supply and deliver of **SCHOOL MATERIALS.** Specifications are found in the tender document detailing all other requirements.

**Bids must include**: Company profile, Good standing certificate. Items Names, Unit & Total Cost including VAT, RDB certificate, VAT certificate, Tax Clearance certificates, Performance letters/ Letters of successful completion from three recognized companies in similar/related supply, the letter of submission, signed and addressed to the Executive Director of YWCA.

This tender is open to all bidders; however, if a bidder submits bids for more than one lot, all of their bids will be rejected. For more detailed information about the tender, please refer to the attached PDF document, which contains the Terms of Reference.

Done at Kigali, on **13/05/2025**

**UZAMUKUNDA Pudentienne**
**Executive Director**
**YWCA RWANDA**

*Headquarters: Kicukiro District, Niboye Sector, KK 21 Avenue, Kigali Rwanda*
*B.P. 48 Kigali, Rwanda, Phone number: + (250) 798662550*
*Email: info@ywca.rw Web: www.ywca.rw*

## ITANGAZO RY'ISOKO

**Introduction**

Since 2024, YWCA Rwanda has been implementing a six-year education-focused program in partnership with UNICEF, FCDO, and MINEDUC. The program aims to create safe, inclusive, and empowering learning environments for learners across Rwanda, with a particular focus on adolescent girls in upper primary school. Operating in all 30 districts and targeting over 80,000 learners, the program integrates life skills education, SRHR, HIV prevention, GBV awareness, and mental health support, as part of a comprehensive response to the challenges that continue to undermine girls' access to and success in education.

YWCA Rwanda leads the implementation in Karongi and Gisagara districts, directly reaching 280,312 students and indirectly engaging over 1,000,000 beneficiaries, including parents, teachers, and community members. A central pillar of the program is the establishment of school clubs, capacity-building for facilitators, and community engagement, all aimed at empowering adolescent girls as leaders and change agents.

Despite these efforts, many students especially girls continue to face economic and social barriers that hinder their school attendance and academic progress. These include lack of basic school materials, which often leads to absenteeism, low participation, poor performance, and in some cases, permanent dropout. Girls are disproportionately affected, particularly those from vulnerable households or those experiencing the effects of teenage pregnancy, gender-based violence, or psychosocial distress.

To address these challenges, the program includes a targeted support component under which 2,950 vulnerable students from 59 schools will receive essential school materials. This intervention is part of a broader effort to ensure that no child is left behind due to a lack of basic learning resources, and that all students have a fair opportunity to succeed and complete their education.

It is against the above background, YWCA intends to procure and distribute school materials to program participants in Karongi and Gisagara.

**1. Scope Of Work**

Supply and delivery of **SCHOOL MATERIALS** Under LIFT Program will be delivered as per specification given #6. Suppliers must carefully review the individual lot descriptions and select the lot they wish to bid for, ensuring they meet the specific criteria for that lot.

**2. Conditions**

**2.1 Eligible Bidders**

Bidders must not be under a declaration of suspension for corrupt, fraudulent, collusive, coercive or obstructive practices as issued by the Government of Rwanda or being subject to U.S. or U.N. sanctions.

**2.2 Eligible Goods and Services**

All goods and related services to be supplied under the bid shall have their origin from any country except prohibited source countries as defined in the UNICEF policies.

For purposes of this clause, "origin" means the place where the goods are produced, or the place from which the related services are supplied. The origin of goods and services is distinct from the nationality of the bidder.

**2.3 Other conditions**

(1) RWANDA Tax Laws shall be applicable.
(2) The financial proposal shall indicate unit prices and total tender prices of the goods it proposes to supply for this bid, clearly state the total bid price in RWANDA FRANCS. Prices shall include VAT.
(3) Tenderers are requested to provide the shortest possible delivery period of the products. Not more than 5 days after receiving the purchase order.
(4) It is the supplier's responsibility to provide samples before delivery.
(5) Each supplier may only compete for **one lot** in this tender process, and submitting bids for more than one lot will result in disqualification from consideration.
(6) Bank account number should be in the name of supplying company.

**2.4 YWCA Rwanda's rights**

(1) This invitation to tender does not commit the YWCA to pay for any expenses incurred by the bidder in preparation of responses to this invitation.
(2) YWCA reserves the right to accept or reject any response to this invitation to tender.
(3) YWCA reserves the right to cancel or withdraw this request for proposals as a whole or in part without furnishing any reasons and without attracting any liability.
(4) YWCA shall not be bound to accept the lowest bidder.

**3. Documents Constituting the Bid**

The bid prepared by the Bidder shall comprise the following components:

1. The letter of submission, signed that addressed to the Executive Director of YWCA.
2. Brief Overview of company (Company profile) including physical business address, email, Telephone and postal address.
3. Acceptance of conformity to all requirement as listed in the Tender document.
4. All detailed specifications of the SCHOOL MATERIALS to be supplied.

Page 3 of 5





5. Financial proposal (Proforma invoice).
6. Valid RRA Tax clearance certificate.
7. Valid RSSB clearance certificate.
8. RDB registration certificate.
9. The bidder should have valid VAT registration certificate. A copy of which should be enclosed.
10. Good standing certificate.
11. Bidder should have previous experience in supplying SCHOOL MATERIALS. 3-Proof should be attached to the bid submission document.

**4. Submission of Bids**

The deadline for submitting the tender document is **5:00 PM** Kigali local time on Thursday, **26th May 2025**. Submissions should be sent via email to procurement@ywca.rw. The supplier must include the tender name and lot number in the subject line of the email. The quoted price must include the costs for transportation and packaging.

The bids documents that are received by YWCA after the deadline, for whatever reason, shall not be considered for evaluation. Only qualified companies will be contacted.

**5. Technical Specifications**

The specifications describe the requirements of goods. All the dimensions and capacities of the goods to be supplied shall not be less than those required in these specifications. YWCA reserves the right to reject the bids in case of deviations.

The tables below give the minimum requirements. Following are the technical specifications for the materials:

**6. LOT 1: Karongi and Gisagara**

| S/N | Description | Quantity |
|---|---|---|
| 1 | 96 Pages Note Books | 15,000 |
| 2 | 3 Blue and 2 Black Pens | 15,000 |
| 3 | 5 Grease Pencils with Rubber on them | 15,000 |

**7. WARRANTY**

The supplier must confirm that the items provided to YWCA are new and branded, as specified in the tender document.

During the delivery period, the supplier will be responsible for servicing or replacing any materials to ensure all items remain in working condition.

**8. BID EVALUATION**

Bidders will be evaluated on terms of the requirements, those who do not fulfil all the requirements or do not submit the required administrative documents will be disqualified. YWCA reserves the right to accept or reject any application based on the evaluation criteria.

**9. DELIVERY AND INSTALLATION**

- The supplier will bear all costs associated with the preparation, delivery and installation of the Items and the Purchaser will in no case be responsible or liable for those costs. The supplier will make such arrangements to ensure safe delivery of goods. Any damage sustained during transportation / delivery will be rectified by the supplier at his/her cost.
- Failure to meet the delivery period by the successful bidder shall lead to cancel the bid and the next ranked bidder shall be considered. Inspection shall be made on delivery by YWCA before signing of the delivery note to confirm receipt/acceptance of the conformity of the goods delivered based on the technical specifications as mentioned in the tender document.

**10. PAYMENT**

No advance will be provided, hundred percent payment will be made by YWCA to the Successful Bidder after delivery and installation of all materials. The payment will be based on the presentation of the original EBM invoice, the purchase order and the delivery note.

Done at Kigali, on **13/05/2025**

**UZAMUKUNDA Pudentienne**
**Executive Director**
**YWCA RWANDA**

Imvaho Nshya Imyidagaduro

# *The Ben yeretswe urukundo mu gitaramo cy'amateka muri Uganda*

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi uri mu bakunzwe mu Rwanda The Ben n'abahanzi bamuherekeje, bakoreye igitaramo cy'amateka muri Uganda, bagaragarizwa urukundo rw'akataraboneka.***

Ni igitaramo yise Plenty Love live Concert, cyari kigamije kumvisha abakunzi be Alubumu ye yamuritse tariki 01 Mutarama 2025 mu Rwanda.

Mu ma saha y'umugoroba, MC Mariachi wakiyoboye yageze ku rubyiniro atangiza igitaramo aho yirinze kuvuga byinshi agaha ikaze umuraperi Green P watunguranye muri icyo gitaramo.

Akigera ku rubyiniro Green P, yababwiye ko agiye kubakumbuza Kigali, ababwira tumwe mu duce tuyigize ati: "Mbakumbuze Kigali, Nyamirambo, Kicukiro n'ahandi."

Yahise aririmba indirimbo zitandukanye zirimo Ndakuze, Ndi Nigga n'izindi zishimiwe n'abatari bake.

Ni igitaramo cyakumbuje abacyitabiriye umuco nyarwanda kuko nyuma ya Green hagiyeho itorero ryabyinnye zimwe mu ndirimbo za kinyarwanda zakunzwe, zirimo Nzajya Inama na nde, Nyaruguru n'izindi.

Mu gice cya mbere cy'igitaramo The Ben wari wambaye imyenda iri mu ibara ry'icyatsi ageze ku rubyiniro yaririmbye izirimo This is Love, yaririmbanye na Rema Namakula, Fine Girl, Loose Control yafatanyije na Meddy yahagurukije benshi, aririmba Why yafatanyije na Diamond n'izindi.

Igitaramo kirimbanyije, Element Eleeh na Kevin Kade basanze The Ben ku rubyiniro, baririmbana Sikosa, yanyeganyeje buri wese wari uri aho.

The Ben na Kevin Kade basize Element ku rubyiniro aririmba izirimo Kashe, Milele hamwe na Fou de toi.

Kevin Kade yahise agaruka ku rubyiniro aririmba izirimo Mu nda, yatumye abantu bose bajya mu bicu.


**Umuhanzi The Ben yeretswe urukundo mu gitaramo yakoreye muri Uganda**

Nyuma The Ben yagarutse mu gice cya kabiri cy'igitaramo yambaye imyenda y'umukara, aririmba izirimo Habibi yakunzwe n'abatari bake, Ni Forever, Nta cyadutanya, Ndaje, True Love n'izindi.

Uretse The Ben n'abahanzi bo mu Rwanda bamuherekeje, iki gitaramo cyataramyemo abahanzi barimo Karole Kasita hamwe na Rema Namakula usanzwe afitanye indirimbo zirenze imwe na The Ben.

Igitaramo 'The Plenty Love' cyashyize akadomo ku bitaramo The Ben yari amaze iminsi akorera hirya no hino ku Isi, kikaba cyitabiriwe n'ibyamamare bitandukanye muri Uganda, birimo Shillah Gashumba, Frank Gashumba n'umugore we aherutse gusaba no gukwa.

Imvaho Nshya
Siporo



NO .E-13 TARIKI 13- 19 Gicurasi 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# BAL2025: APR BBC yabonye intsinzi ya kabiri imbere ya Perezida Kagame

**SHEMA Ivan**

***APR BBC yabonye intsinzi ya kabiri yikurikiranya mu Itsinda rya Nile Conference rya Basketball Africa League, nyuma yo kunyagira MBB yo muri Afurika y'Epfo amanota 103-81, mu mukino wakurikiwe na Perezida Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame.***

Uyu mukino wabaye ku mugoroba wo ku Cyumweru tariki ya 19 Gicurasi 2025 muri BK Arena yari yuzuye abafana.

Ikipe y'ingabo yatangiye umukino neza ibifashijwemo na Aliou Diarra Chasson Randle na Youssoupha Ndoye batsindaga amanota menshi.

Mu minota itatu ya nyuma MBB yinjiye mu mukino itangira gutsinda amanota nka Robinson Odoch na Pieter Prinslo watsindaga amanota atatu menshi.



**APR BBC yabonye intsinzi ya kabiri biyongerera icyizere cyo gukina imikino ya nyuma**

Agace ka mbere karangiye MBB iyoboye umukino n'amanota 26 kuri 23 ya APR BBC.

APR BBC yagarukanye imbaraga mu gace ka kabiri itangira kugabanya ikinyuranyo Noel Obbadiah na Axel Mpoyo watsindaga amanota atatu gusa.

Ku rundi ruhande MBB na yo yakomeje gutsinda ibifashijwemo na Pieter Prinslo watsindaga amanota atatu menshi na Joven Mboring.

Igice cya mbere cyarangiye MBB iyoboye umukino n'amanota 47 Kuri 45 ya APR BBC.

Ikipe y'ingabo yagarukanye imbaraga nyinshi mu gace ka gatatu yongera amanota ibifashijwemo na Youssoupha Ndoye, Robeyns Williams Chasson Randle na Alioun Diarra batsindaga cyane bashyiramo ikinyuranyo cy'amanota 14.

Aka gace karangiye APR BBC iyoboye umukino n'amanota 73 Kuri 59 ya MBBC.

Mu gace ka nyuma, APR BBC yakomeje kongera ikinyuranyo cy'amanota abakinnyi Alioun Diarra, Nshobozwabyosenumukiza Jean Jacques Wilson na Youssoupha Ndoye wagize umukino mwiza batsinda cyane.

Umukino warangiye APR BBC inyagiye MBB amanota 103-81, yuzuza itsinzi ya kabiri yikurikiranya mu itsinda Nile Conference, biyongerera icyizere cyo gukina imikino ya nyuma ya 'Finales'.

Umunyasenegal Youssoupha Ndoye wa APR BBC ni we wabaye umukinnyi mwiza w'umukino nyuma yo gutsinda amanota 25, aho yakurikiwe na mugenzi we bakinana Aliou Diarra watsinze amanota 22.

Undi mukino wo muri iri itsinda wabaye uyu munsi, Al Ahly Tripoli yo muri Libya yabonye intsinzi ya kabiri mu Itsinda rya Nile Conference rya BAL 2025 nyuma yo gutsinda Nairobi City Thunder yo muri Kenya amanota 115-87.

Al Ahly Tripoli yabaye ikipe ya mbere mu mateka ya BAL itsinze amanota menshi mu mukino umwe.

# *APR FC yasubiye imbere, umukino wa Bugesera na Rayon Sports urasubikwa*

**SHEMA Ivan**

***APR FC yatsinze Gorilla FC igitego 1-0 mu mukino w'umunsi wa 28 wa Shampiyona, ifata umwanya wa mbere ku rutonde rw'agateganyo rwa shampiyona.***

Uyu mukino yabaye kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 17 Gicurasi kuri Kigali Pele Stadium.

Wari umukino wa mbere ku mutoza wumusigire wa APR FC Ndoli nyuma y'aho muri iki cyumweru, iyi kipe y'ingabo yasezereye umutoza Darko Novic n'abungiriza be ku bwumvikane bw'impande zombi.

Umukino w'uyu munsi watangiye wihuta ku mpande zombi ariko amakipe akagorwa no gutera mu izamu.

Ku munota wa 23, Djibril Ouattara yahushije uburyo bwabazwemo igitego ku mupira wahinduwe na Ndayishimiye Dieudonne.

Gorilla FC na yo yahise isubiza ku ishoti rikomeye ryatewe na Ndikumana Landry rigakurwamo na Ishimwe Pierre.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe anganya 0-0.

Mu igice cya kabiri, APR FC yakomeje gusatira harimo uburyo bwabonetse ku mupira Ndayishimiye Dieudonne yahinduye ariko Denis Omedi akananirwa kuwutsinda.



**APR FC yisubije umwanya wa mbere ku rutonde rw'agateganyo rwa Shampiyona**

Ku munota wa 56, Niyigena Clement yakorewe ikosa agiye gutera umupira akinirwa nabi n'umunyezamu, Umusifuzi yemeza Penaliti.

Iyi Penaliti yinjijwe neza na Rutahizamu Cheikh Djibril Ouattara wujuje ibitego 10 muri Shampiyona.

Nyuma yo gutsindwa igitego, Gorilla FC yagarukanye imbaraga itangira gusatira ishaka kwishyura, mu gihe APR FC yari yasubiye inyuma ikina 'contre-attaque'.

Ku munota wa 89, Bobo Camara wa Gorila FC yahawe ikarita itukura.

Ku munota wa 80, Ishimwe Pierre yarokoye APR FC umupira wari uvuye muri koruneri ya Gorilla FC, awufata neza.

Ku munota wa 89, Bobo Camara wa Gorila FC yahawe ikarita itukura ku ikosa yakoreye kuri Niyomugabo Claude.

Umukino warangiye APR FC itsinze Gorilla FC igitego 1-0, yisubiza umwanya wa mbere ku rutonde wa Shampiyona n'amanota 61.

Umukino wa Bugesera FC na Rayon Sports waberaga mu Bugesera, wahagaze ugeze ku munota wa 52 kubera umutekano muke watewe no kutishimira icyemezo cy'umusifuzi.

Indi mikino yabaye uyu munsi harimo uwa Marines FC yatsinze Musanze FC ibitego 3-0, mu gihe Amagaju FC yanganyije na Mukura VS igitego 1-1.